




N°28

**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO
KURENGERA RUBANDA
NYAMWINSHI.**

KA02 1538



Dr KAYIBANDA M.D.R. Parmehutu



GAHUTU Rémy Palipehutu

**NGIZO INTWARI ZAHARANIYE KUBOHOZA BENE
GAHUTU MURI AFURIKA YO HAGATI.**

**Perefefe wa Kigali Colonel RENZAHU kubera
inyungu ze bwite amereye nabi KANGURA.**

**ESE HABUZE IKI NGO IBYO PEREZIDA KAYIBANDA
YAVUZE BITUBERE ISOMO ?** *encadrement*

**I NYAMATA : INDURU Y'ABAHUTU NI NDENDE.
IGIHUGU KITICA IMBWA CYORORA IMISEGA.**

HABYARIMANA ATSINZE BITAMUGOYE ARIKO INZIRA IRACYARI NDEDE. KA02 1539



Yewe ngo ndatsinzwe ntibura ndare nganya. U Rwanda igihe rwemeraga kugendera ku mashyamba menshi abaturage bagize ubwoba. Aha ndavuga abo muri MRND bagiraga ngo ishyamba ryabo nta bayoboke rizagira. Nyamara ubwo bwoba bwari bufite ishingiro kuko bari bumvise ko bagiye guhangana na MDR Parmehutu, imwe yashyize inyenzi kugeza ubwo izirukana imbere mu gihugu. Ariko ntibyatete kabiri, Inyenzi zari zisanze ziyita FPR zihimbye FPR ivuguruye ziyita PL. Ubwo iryo shyamba ry'Inyenzi icyo ryihutiye gukora ni ukwigarurira Abayobozi ba MDR. Bityo ijamba PARMEHUTU riba rirahambwe. Abahutu benshi MDR bayivanaho amaboko.

Bidatye kabiri MDR-PL-PSD biba bikoze agakungu abaturage barushaho kuba maso kuko bari babonye ibimenyetso simusiga bigaragaza ko umwanzi yabonye ubundi buryo bwo gukora. Ubwo abayoboke, cyane cyane Abahutu bari kugana ayo mashyamba baba barifashe, bigumira muri MRND ndetse n'abari barayivuyemo bayigarukamo kuko bari bamaze kumva neze ibihe turimo. Indi ngingo yabanyije gutera ubwoba abayoboke ba MRND ni uko amashyamba agatangira wasangaga abashinzwe kwamamaza barangwaga n'ubwoba, bakonje, wakwibaza icyo batinya ukakibura.

Ariko aho bahagurukiye nabo bakavugaga ku mugaragaro, nde

bagakoresha amagambo bakeba babo bo muri MDR bakoresha, abayoboke ba MRND baje kwiyongere ku buryo budasanzwe. Kandi nta mugayo kuko gutsinda Jenerali HABYARIMANA muri iki gihe cy'intambara biragoye. Ariko se wamunyura he? Niwe ufite ubutegetsi. Niwe ufite amafaranga. Niwe wizerwaga na benshi, cyane cyane abo yakoranye nabo uretse abo bagira icyo bapfa cyangwa ba nyoninyinshi. Biragoye kwemeza umuturage ko HABYARIMANA ntacyo yamugejejeho kandi ibyinshi mu bikorwa by'amajyambere buri munyarwanda abibona ku irembo ry'awe. Dore nk'ubu nyuma ya za mitingi za MRND yakoze mu maperefegitura yose imbonerahamwe iratwerekako uko abayoboke bose muri rusange bageze mu gihe cyo gutora, abenshi ari abiyemeje kuzatora MRND.

Nubwo HABYARIMANA amaze kugaragara ko ari we uzatsinda, nawe agomba kumenya ko hari ibyamunaniye. Niyemere abihwe andi mashyamba nayo yigeragereze. Aha ndavuga nk'Ubucamanza bwagaragaye ko bwana-niranye ku mpamvu zibonwa na buri wese. Ndetse na Nyirubwite ariwe Perezida HABYARIMANA akaba yarakunze kwamagana imikorere yabwo. Ibyo byarushaho kuba byiza no mu rwego rw'Ubukungu n'Imali ko naho yasinzira gato akabitiza amashyamba ashyamiranye n'irye, maze nayo akirwariza kuko muri urwo rwego naho nta kigenda. Ibi ntibyamubuza no gutanga urugero rw'Ubuhinzi n'Ubworozi kuko byagaragaye ko kuva muri 1962, twabona ubwigenge, umunyarwanda agihinga nka Sekuru, usibye ko Sekuru we amurusha kuba yari afite aho ahinga hahagije, ntabwo twashoboye kwihaza mu biribwa.

Reka turebe uko abaziyandikisha gutora, biyemeje kuzatora HABYARIMANA, ibi ariko bikurikije uko twakurikiye ibyagaragariye muri za Mitingi zose za MRND zakozwe mu mpande zose z'u Rwanda.

ITORA RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA (ku batora 100)

- A. ABAZATORA HABYARIMANA YUVENALI
- B. ABAZATORA ABANDI BAKANDIDA
- C. ABAZIFATA

	A	B	C
KIGALI (icyaro)	80	15	5
GITARAMA	60	35	5
BUTARE	70	25	5
GIKONGORO	70	28	2
CYANGUGU	85	13	2
KIBUYE	86	10	4
GISENYI	98	1	1
RUHENGERI	92	3	5
BYUMBA	99	0,5	0,5
KIBUNGO	88	11	1
KIGALI (Umujyi)	72	26	2
RWANDA	81,8%	15,2%	3%

Ibi tubitanga muri Perefegitura ya Gisenyi na Butare hatarakorwa Mitingi mu rwego rw'ifasi ya

Abagize ubwanditsi bwa KANGURA :

- NGEZE Hassan
- NYABYENDA Issa
- NDEKEZI Bonaparte
- MIRASANO Céléstin
- RUBERA Papias
- SIMBIZI Stany
- HITIMANA Noël

ESE HABUZE IKI NGO IBYO PEREZIDA KAYIBANDA YAVUZE KU WA 29 MARS 1964 NO KUWA 10 AVRIL 1964 BITUBERE ISOMO.

KA02 1540

Bana b'abatutsi,

Mumaze kubona aho u Rwanda ru-nyuze guhera cyane cyane muri 1956, ruciyi ku kiliba cya Mutara, ruvuye mu mwobo Ndahindurwa yaruroshyemo.

Muzi mutirengagije ibyago u Rwanda rwagize cyane cyane muri novembri 59 no mu ntangiriro z'uwa 1960 : aribwo Demokarasi yarwanaga n'ubuhake, aribwo Gashaka-buhake Ndahindurwa n'abagaragu be barurohaga mu gisimu kibi. Bikabyara impunzi, inyenzi n'intimba n'abapfakazi.

Mwabonye uko twakuye u Rwanda mu gisimu Gashaka-buhake Ndahindurwa yarutayemo yihungira, turuha Demokarasi, n'ubwigenge n'amahoro.

Murareba ibyo Leta ya Repubulika imaze gukora nyuma y'ubuhake, ndetse na nyuma y'Independansi : biragaragara, ni byiza. Dukurikiranye kubyuzuzura.

Mwabonye impagarara tuvuyemo zitewe n'ubukubaganyi n'ubugome bw'impunzi z'Inyenzi : abaturage b'i Nyamata barabizi, ab'i Bufundu barabibonye : nimubishyire k'ubugome bw'akarande buri muri kamere y'ubuhake : Gashaka-buhake n'abagaragu be bahunganye nawe, ntibarareka gucukura igisimu cyabo cyo muri novembri 59. Barabigaragaje ejo bundi.

Babonye na none tubibarinze bacurubundi bugome : baradusebya baratubeshyera mu magazeti ngo twamazeho abatutsi mu Rwanda. Cyo nimubwire mu kuri : iyo Gahutu aramukana ubugome bwo gutsemba abatutsi biba byaragombye kugendera ku bitero by'inyenzi? Ubwanyu bamwe ntimubivugira muti : «Iyaba ari abatutsi batsinze nta muhutu uba akiriho kere-tse uwemeye ingoyi cumi z'ubuhake» ?

Icyo dushaka twakibabwiye muri disikuru yacu yo kuwa mbere Yuli 1963 : Nimuhumukire Demokarasi, mukurikire umuco mushya w'u Rwanda, icyo dushaka n'ubuvandimwe ku baturage bose. Uko muzabidushobokera mu tuzabatsindisha impuhwe n'umuco mwiza. Nimunanira umuco mwiza muri Demokarasi, ntimuzagire uwo muveba.

Muzi ariko ko Gashaka-buhake Ndahindurwa na Rukeba n'inyenzi za-

bo bakifuza ko mwamera nkabo : uwagizwe impunzi n'ibitero by'i Nyamata ubu mbese amerewe neza ? Ubu amere-we neza kurusha uko yarameze mbere y'ibyo bitero by'Inyenzi ? Cyo nimuzirikane mwisubize mutishuka !

Bamaze guhimba undi muderi wo kubaroha muri cya gisimu. Dore uko uteye : Babonye Inyenzi zabo ziburiyemo, n'ibisebyo badusebya bibuze icyo bifata, bahimba kuzajya baboherezamo ubwandiko bwa rwihishwa : bababwiramo ngo : «bazatsinda», ngo nimushyire hamwe, ngo intego bafite bazazigeraho». Intego ya Gashaka-buhake n'Inyenzi ze ni iyo kubateranya n'Igihugu cyahisemo Demokarasi; ni iyo kubagumisha mu bututsi (muzi icyo bivugira mu kinyarwanda gikuru); ni iyo kubagira abagome mu gihugu : kuko umuturage wizera Gashaka-buhake Ndahindurwa ho umwami aba agomera Repubulika. Ubwo bwandiko mujye mubujugunya cyangwa mubuzanire abategetsu ba Repubulika. Naho ubundi nabwo bwazabagera aho ibitero by'inyenzi byageze bamwe.

Icyo duharanira n'ubuvandimwe nyabwo mu banyarwanda bose n'amajyambere ya demokarasi ku baturage bose ba Repubulika.

N'ab'impunzi nta gihe tutababwiye ko bashatse kugaruka bagaruka, bapfa gusa gufasha intwari hasi no kureka amatiku n'urugomo n'ubuhake. Twabibabwiye tweruye mu matangazo menshi twavuze yerekeye iby'impunzi n'ubugome bw'inyenzi : Ejo bundi ho twanazisobanuriye ko zifasha abadindiza amajyambere y' Afurika yigenga.

Siniriwe mbasubiriramo — Bana b'abatutsi, ko ubuhake bwashize, k'ubwami bugenda bushiraho ku isi yose, ko demokarasi ariyo ntego y' Afurika yigenga n'iy'isi yose, ko gukoresha kurwana ari ubucucu no kuva kera; ndagira ngo gusa mwirinde uriya muderi mushya wa Gacumbabuhake Ndahindurwa n'inyenzi ze : ubwandiko bwabo bwa rwihishwa burabaganisha mu rwobo twari tumaze gukuramo abemeye demokarasi. Se uwaberurira ? Ubwandiko Gacumbabuhake Ndahindurwa n'inyenzi ze babasesezamo rwihishwa ni wa muderi wo ku Rucuncu, ni ya genda turakize, ni babandi batwikaga babanje gushemba ibishangara, ni ya maso ya

Kayijuka, ni ya nkota ya Nyirarukeba, ni cya gisimu cya novembri 59; twakibakuyemo, barashaka ko mugisubiramo.

— Iyo mvuga kibyezi sinkikira amagambo : niwo muco w'umubyeyi w'Igihugu muri demokarasi. Ndashaka ubuvandimwe bwa gahutu na gatwa na gatutsi n'abandi bose batuye u Rwanda.

Ubwo bwandiko babasesezamo rwihishwa, ba Gacumbabuhake Ndahindurwa n'inyenzi ze, bufatanye n'ibinyoma bakwiza hirya bizabugwa nabi: Hari naho bagiye gukwiza impuha mu bakuru ba Kiliziya gatolika b'i Roma, ngo Leta y'u Rwanda yabambye Musenyeri Bigirumwami ku musaraba, ngo umuhutu wese ubonye umwanya akajya kumujomba igikwasi ? Ngo Leta ya Repubulika yishe Padiri Gasore, ngo itsinda Padiri Kagame kuri altari ! Mwese ntimubona abo banyacyubahirira hirya no hino bidagadurira mu mirimo yabo ? Ndetse turabifuriza gukomeza gukora imirimo ya Kiliziya y'Imana. Ngubwo bwa burozi na cya gisimu cyo muri 59. Ngubwo ibiri ku ruhande rw'inyuma ha bwa bwandiko babasesezamo rwihishwa.

Naho kubyerekeye ukwemera-dini kw'Abategetsu b'Ingero zose dufatanyije kuyobora u Rwanda, Gacumbabuhake Yohani Batisita Ndahindurwa n'inyenzi ze barata igihe cyabo : ntitwemejwe no kuneza abazungu cyangwa gusangira nabo. Tuzi icyo twemeye, n'aho cyitaruriye ibyo gutwara isi. Ntabwo ukwemera kwacu twakugurana ibicumucumu byo gutera i Nyamata, cyangwa ngo tugusake mu bazungu b'ingegera z'ababuramana nka ka Vullemu katorotse i Butare kamaze gusanga kashutswe n'inyenzi kuvuga impuha.

— Sinabura kwibutsa abana b'abatutsi bahisemo amadini y'ubuprotestanti ko idini yanyu itagomba kuba igikoresho cya politiki ya metropole zo hirya amadini yanyu akomokamo : byongeye ubwanyu muzi uko Gahutu afashwe mu by'ubutegetsu bwo hejuru bw'amadini yanyu.

— Ab'abaswahili muzi ko inama n'amateraniro yanyu ubutegetsu butigeze buyahuganya iyo atica amahoro ya rusange rw'abaturage. Muzi ko nanjye ubwanjye, hamwe n'abakozi ba Leta batari abayisilamu, nagiyeye nza kwizihira.

za imisni mikuru isoza Ramadhan yanyu. Uwumvira amategeko ya Repubulika aba ari mu nzira nziza : ni umwana w'Igihugu nk'abandi bose.

Mwese abagatolika, ari abaprotetanti, ari abayisilamu, ari n'abandi muzi ko Konstitusiyi ya Repubulika ntawe iheza kubera idini yemeye.

Mwibishukirwamo rero ngo mwakire ubwandiko rwihishwa bwohererewe kubaroha. Nimurebe u Rwanda aho ruze, murebe Afrika yose aho igana, mwemere demokarasi, muyikunde, muyirwanire ishyaka, mukoreshe amahoro, mwibuke ko gukoresha kurwana ari ubucucu kandi byerekana ko nyirabyo nta kuri afite.

Twacye ubucancuro mu butegetsi n'urugomo mu baturage : nguwo umurongo Gahutu na Gatwa na Gatutsi mugomba gukurikira mwese. Turashaka ubuvandimwe n'ubwishyir'ukizana wumvira amategko ya demokarasi, turashaka ubwira ku mirimo n'ubwitange ku murimo ukorera igihugu : nguwo umurongo Gahutu na Gatwa na Gatutsi mugomba gukurikira mwese.

— Bana b'abatutsi, ndababwira mu magambo make ibyerekeye uriya mudeli mushya w'ubwandiko Gacumbabuhake n'inyenzi ze babasesezaho.

Abaguye mu gisimu cyacukuwe na Gacumbabuhake barimo ibice bitatu :

1. Abazahitamo bakishakira gutura mu bihugu barimo, nibatureyo, bagwire, bagire Imana: isi yose n'iya twese.

2. Abazâhûka barwana (barwanisha imbunda, imiheto, ubwandiko rwihishwa, gusebya no kubeshyera Leta y'u Rwanda) bazahura n'ubutwari bwa Garde Nationale ariyo Basilikare b'u Rwanda : uri inyuma y'igihugu aba ari inyuma, kandi gutera intambara ni ubucucu.

3. Abazâhûra bishakira amahoro, no kugaruka mu mahoro, muzabakira, abaturage mwese mubafashe kwicara neza muri demokarasi.

Naho mwebwe muri mu gihugu nimuhure : abagihumye bahumuke bemere demokarasi kuko ari yo Afrika igamiye; abahumutse, nimuhumure, turabashima, musigaje umurimo wo kudufasha guhumuriza abo bandi, mubumvisha ko ubuhake na cyami byazigurutsewera.

Bamwe muri mwe bari mu mirimo

ya Leta : nimwicange mushimwe n'abakoresha : ni ukuvuga abakuru banyu na rubanda : icyo mubona ko kitaratungana mukivuge kuko tuti muri demokarasi. Turi abanyarwanda twese, ariko —sinshaka ko ab'abatutsi bananira ubuvandimwe.

Kigali, kuwa 29 marsi 1964
Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.
Gr. KAYIBANDA.

DEMOKARASI IZIRANA N'URUGOMO.

Banyarwanda mwese,

Baturage b'u Rwanda mwese,
Ku itariki ya 28 yanwari nababwiye ko Repubulika yacu mu ntango zayo z'ibanze, iya mbere ari amahoro mu baturage b'ibice byose n'inze zose.

Nababwiraga ukuntu ayo mahoro twari tumazemo umwaka n'igice, cyane cyane guhera kuri Indepandasi yaramaze gukangwa n'impunzi zigize inyenzi, zarateye Leta ibarwanaho mwese, ariko cyane cyane ibuza utahawe ububasha bwo kugenza icyaha kugira ibyo yivangamo.

Turashimira ko Igihugu cyatwumviye, Gahutu agakomeza gushaka amahoro. Abahawe ububasha bwo kugenza icyaha, ububasha bwa gipolisi, abafite umurimo w'ubusoda, abo bakozi b'Igihugu bese turabashima ko bihatiye kurangiriza igihugu umurimo bahawe kugikorera.

Ndashima umuturage utaritaye k'ubushotoranyi bw'inyenzi ngo agwe mu mucu mubi w'urugomo.

Kuwa 28 yanwari nabibukije ko demokarasi izirana n'umuco w'urugomo.

Nimukomeze mwese mu nzira nziza yo kulinda demokarasi yacu : demokarasi izira urugomo. Ububasha buriho: hari abashinga amategeko, hari abayubahiriza n'abacamanza, n'abakozi b'Igihugu bafasha abo bayobozi ba demokarasi bese.

Demokarasi izirana n'urugomo : iryo jambo ndaribwira abaturage bese, ari Gahutu, Gatwa na Gatutsi na ba Kanyamahanga u Rwanda rwugururiye.

Demokarasi izirana n'urugomo : iryo jambo ndaribwira abakozi bese b'Igihugu iyo bava bakagera : abato n'abakuru.

Demokarasi izirana n'urugomo : iryo jambo ndaribwira abategeka bese : ubutegetsi babuherewe kurinda amahoro no kubwiriza abaturage bese inzira zizamurira umukiro w'Igihugu, wa za Komini, w'ingo zose z'abaturage.

Demokarasi izirana n'urugomo : n'iyi urwo rugomo rwatwikirizwa uburyarya busa n'ubwa kera.

Demokarasi izirana n'urugomo : niyo mpamvu umuturage wese, n'iyi yaba mutoya cyane, agiriwe urugomo agomba kubigeza ku balinzi b'amahoro bari hafi ye : ari abategetsi, ari abacamanza. Abategetsi bese bagomba kumenya amahoro no guca urugomo bakurikiza amategeko n'umuco mwiza usanzwe.

Demokarasi izirana n'urugomo : kuko urugomo n'imvururu bihagarika amajyambere y'imirimo n'ay'ingo zanyu; urugomo n'imvururu ni umwanda mu bihugu byose, n'uwu byaturukaho wese, n'iyi babitwikiriza uburyarya; mwabonye abateye imvururu n'urugomo muri 1959, aho byabataye : bizeye gutsindisha urugomo, imvururu n'uburyarya, basanga twese turi maso, ariko twanga urugomo.

Demokarasi izirana n'urugomo : iryo jambo ndaribwira abarwanashyamba b'amaparti yose ari mu Gihugu. Bagomba kugira amahoro mu ishyamba ryabo : naho ubundi ntabwo igihugu Leta ya Repubulika byaryemeramo ishyamba nyaryo.

Demokarasi izirana n'urugomo : Iryo jambo ndaryibutsa inama zose, ari iza Parti, ari iza Komini, ari iz'abategetsi bakoresha abaturage, ari Inteko Nkuru, ari inama ya Leta izisendereye mo ishyamba ry'amahoro niziyakwize mu zindi.

Demokarasi izirana n'urugomo : mubukire no mu bukene; cyane iyo Igihugu nk'icyacu kimirije imbere gushaka ibyakizamura.

Demokarasi izirana n'urugomo : umunyamahoro akwiriye kubyubahirwa, umunyarugomo n'umunyamvururu amenye ko afasha inyenzi, cyangwa ko ari icyitso cyazo : umunyarugomo n'umunyamvururu amenye ko aba abereye inyenzi icyitso n'inzira.

Demokarasi izirana n'urugomo : umunyarugomo n'umunyamvururu aje aregera abategetsi nabo babizume, nibasanga ari ukuri abihanirwe bakurikiza amategeko agenga umuco afatiwemo.

KA02 1542

Demokarasi izirana n'urugomo : utinya kuregera abategetsu aba atarumva demokarasi. Ariko hariho no kurega by'urugomo : kurega ibitari byo ari ukubeshyera undi, cyangwa ari ugucumba amahari n'inzangano.

Demokarasi izirana n'urugomo : igihe haba umuturage ucumbeta amahari n'inzangano, aba atakaza umwana wo gukorera Igihugu, wo gukorera urugo rwe, wo kungura demokarasi muri Repubulika : aba yigira icyitso cy'inyangarwanda z'inzenzi. Ntihakagire uwita undi inzenzi kuko ari igitutsi : namubonaho ubunyenzi nabyereke abategetsu bagenewe kubisuzuma, maze yisubirire ku murimo we.

Demokarasi izirana n'urugomo : mumaze kumva mwese ko inzenzi ari

icyo zikurikiranye mu bitero byazo : kuko urugomo n'imvururu by'ica igihe cy'amajyambere y'Igihugu n'abaturage bacyo.

Banyarwanda mwese : mbibukije iyo ngingo kuko muri demokarasi amahoro ku baturage bese ari ingingo y'amajyambere igomba kwitabwaho. Kwirinda urugomo n'imvururu ni itegeko ku muturage wese, ari umuto ari umukuru, ari umutegetsu ari n'utariwe.

Nta gihe tutabwiye abacamanza bese kugira umwaga cyane cyane kuri iyo ngingo ikomeye yo kuremya amahoro mu baturage. Nta gahato Leta yashyizeho ngo umuntu abe mu iparti iyi n'iyi : icyangombwa kuri bese ni ukwo-roherana, kwemera no gukurikiza amategeko, gutangaza mu kuri ikidatunganye, kuboneza porogaramu igiye muri

demokarasi : ariko ukanga amahoro, nta kureba parti arimo agomba kubihani-rwa, kuko guhunga urugomo n'imvururu ari itegeko ku muturage wese.

Ndashimira cyane abategetsu bese n'abaturage bese bihatiye kurwanya urugomo Igihugu cyatewemo n'ibitero by'inzenzi; ndashima umurwanashyaka wese wahagurukiye kuremya amahoro nta rugomo, nta mvururu, anyuze mu nzira y'amategeko y'Igihugu. Umunyarugomo wese n'umunyamvururu arafasha ubugome n'uburyarya bw'inzenzi atabizi.

Nimukomeze amajyambere ya Repubulika n'ay'ingo zanyu, muhorane n'amahoro y'Imana.

Kigali, kuwa 10 avril 1964
Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
Gr. KAYIBANDA.

KUTAVUGA RUMWE KW'ABAHUTU NIBYO BITUMA INTAMBARA Y'INZENZI ITARANGIRA.

Banyarwanda mukunda urwabyaye ibihe turimo birakomeye. Bizamvuga ni umwana w'umunyarwanda.

1. Imbere y'iyi ntindi y'intambara, iyo watinyukaga ukavuga cyangwa ugashyira ahagaragara amafuti y'umututsi (cyane cyane uwifite) Service Central de Renseignements yaguciraga muri komini iyo itagushyikirizaga parquet ngo nayo ikunagire inkiko. Icyo gihe umuntu yaregwaga ko ashaka gukurura amacakubiri mu moko y'abanyarwanda. Urugero ntiruri kure, muribuka umuyobozi wa Kangura bamunyujije mu ryoya bakamufunga ngo ni uko yatinyutse kwandika ko ba Rwigara (icyo gihe yari akiri mu Rwanda) bashyigikiye inkotanyi mu myiteguro yo gutera u Rwanda. Abanyarwanda, nako abahutu, bamwe ntitwatinze kubona ko izo mpuhwe twari dufitiye abatutsi ari nka za zindi z'uruyongoyongo n'impayisi, aho uruyongoyongo rwashoye umunwa warwo mu nda y'impayisi ngo ruyikize igufa ryari ryayitandamye, hanyuma impayisi ibonye irusimbutse ihita ikacira uruyo-

ngoyongo. Uruyongoyongo rugize ruti ndekura, impayisi irarusubiza iti nkurekure ungiriye neza... Sibwo irwivuganye !

2. Aho intambara itereye abahutu baje gutangazwa nuko abatutsi hafi ya bese bari babizi ndetse bamwe baragiye bohereza abana babo kwitwaza muri Uganda. Ibyo bintu byaje gutuma abahutu bese (ari abo mu majyepfo y'Igihugu ari n'abo mu majyaguru) biyunga maze bamagana ibyitso by'abatutsi maze inzenzi zibwiraga ko zifite abakunzi mu gihugu zicika intege. Iyo niyo mpamvu yatumye inzenzi zitsindwa vuba.

3. Aho ibyitso bifunguriwe byatangiye kwiyeza ku bahutu bibacyurira ko aribo babafungishije ko kandi batazatinda kwihorera. Sibwo koko bamwe babirukanishije ku kazi; ahandi nko muri za secteur Remera, Kicukiro, Nyamirambo abatutsi ubu baratyaza imipanga ngo yo gutema abahutu. Muri komini Murambi yo muri Byumba abatutsi baho babigirwemo inama n'abavugizi babo Nkuliyingo J. Baptiste, Muta-

nguha Viateur na Munyaneza Romalice, ubu baryamiye imiheto, imyambi, amacumu y'ingobe ndetse ngo n'imbunda byo kuzatsemba abahutu baturanye. Iki-babajere rero nuko abo batutsi baca inyuma bakigira nyoni nyinshi akenshi bakoresheje ibinyamakuru byabo (dore ko byarumbutse) bakemeza amahanga ko bahohoterwa n'abahutu ngo ndetse n'ubutegetsu bukaba bubifitemo uruhare. Uwo mutwe kandi abatutsi bamaze kuwinjiza mu mashyamba amwe n'amwe bacengeye babeshya abahutu bayarimo ko bifatanije mu kurwanya ubutegetsu bwa Habyarimana. Icyo bigamije rero nta kindi uretse guhuma abahutu amaso ngo bikorere ibyabo. Bishoboka bite rwose ko umututsi yagira atya akihanukira akavuga ko inkotanyi hari agace k'u Rwanda zigaruriye, ko inkotanyi zifite ibitaro mu Ruhengeri, ko inkotanyi zifite ikibuga cy'indege mu Mutara ko ngo ndetse Rwigema atapfuye. Ese hari ugushotorana kurenze uko ?

4. Reka nibarize abahutu. Ko abatutsi aribo bake muri iki gihugu (nyuma y'abatwa) kuki ijwi rya-

bo rirusha iryanyu kumvikana ? Ni ukuvuga se ko babarusha akababaro cyangwa ahubwo ni uko babarusha kubeshya ? Amashyaka amwe yashyiriweho gusonga abahutu. Inkotanyi zidutera zaje zivugaga ko zituzaniye demokarasi. Muri bimwe zaturegaga zavugaga ko gatutsi yarenganye mu ngeri zose z'ubuzima bw'igihugu; zavugaga ko ubutegetsitsi bwa Habyarimana nta majyambere bwa-gejeje ku banyarwanda, ko ngo ahubwo bwatumye basubira inyuma, abantu bamwe bapfuye bazize accident cyangwa urw'iki-rago bagiye bagerekwa ku butegetsitsi bwa Habyarimana n'izo nkotanyi. Igiteye agahinda rero ni uko ibyo binyoma byaje gusubirwamo n'amwe mu mashyaka ndetse ubu akaba yarabigize indirimbo. Bibaye byo rero ayo mashyaka ntiyari akwiye kwamagana ibitero by'inkotanyi kuko bahuje imigambi. Iyo myifatire y'ayo mashyaka n'abandi bose bayihisha inyuma yaciye intege bamwe mu bahutu bari bararahiye ko igihe cyose bazaba bagihumeka nta nyenzi izinjira mu

Rwanda ngo ize irutegeke. Sindagura ariko abahutu nibareba nabi barasubira kuka mbere ya 59. None se koko Habyarimana yakagize amaboko azarwana intambara y'inyenzi ziri ku mpaka n'inyenzi ziri mu mashyaka akorera mu gihugu hagati.

Nyamara muri ibyo byose uho mba ni umuhutu, ariko koko abatutsi bazi "ubwenge": kubona bamaze kumvisha abahutu b'induga ko ngo bahuje akababaro n'ibibazo. Ni kimwe na za mpuhwe za bihehe. Nawe se, kumva umututsi nka Kameya Andereya wavukiye i Burundi agakurirayo, maze imyaka ibiri amaze mu Rwanda akaba ari we wiha gusobanura amateka yarwo no kuvugira abanyenduga n'abatutsi nti-bitangaje. Nawe se, kumva Twagiramungu Faustin wavukiye i Bukavu (nyina ni umututsikazi wacururizaga inyanya i Bukavu) agakurirayo akavayo ejo bundi ajya kwiga muri Kanada ariwe wirirwa ubika ngo abanyenduga bararenganye ntibiteye icyo ni iki? Rwose kubona Twagiramungu na Karamira bakoresha

imyigaragambyo ngo ni uko Nahimana yanze ko banyuza kuri Radiyo amagambo yo gushinyagurira abavandimwe bacu bo muri Byumba na Ruhengeri si akumiro ? Nizeye ko ejo batazaba bakarakera.

5. UMWANZURO

Dukwiye kumenya ko iyi ntambara twayitewe n'impunzi z'abatutsi zishyigikiwe n'umuhi-ma MUSEVENI. Igihe kirageze rero cyo guhitamo urupfu cyangwa ubuzima. Gutera imbyino imwe n'inyenzi (impunzi z'abatutsi) nk'uko amashyaka amwe abigenza ni uguhitamo urupfu. Niba rero tumaze kumenya uwo ariwe niwe dukwiye gushyira hamwe tukarwanya, tukamaganira kure amayeri ye yose agami-je kuryanisha abahutu. Nguwo umuti w'iyi ntambara naho ibyo umwicanyi Mugenzi Justin na kirihahira Twagiramungu Faustin birirwa babeshya ngo intambara izarangira ari uko Habyarimana yeguye ku butegetsitsi ni amahomvu.

Kangura.

IBIMENYETSO SIMUSIGA BIGARAGAZA UBUFATANYE BW'INKOTANYI NA YA MASHYAKA YISHYIZE HAMWE, ARIYO MDR, PSD na PL.

Byakunze kuvugwa ko umwanzi afite amayeri menshi yo kuzamugeza ku butegetsitsi akoresheje ibyitso bye n'amafaranga. Mwese muzi ko ku rugamba ho umwanzi yananiwe. KANGURA, ihereye ku bimenyetso ubu byakwirakwijwe hirya no hino ku isi, bigaragaza ubwo bufatanye, inahereye no ku biganiro byakozwe ndetse bigatambuka kuri radiyo kuwa 15/12/1991, ubwo Umunyamabanga mu rwego rw'igihugu wa MRND n'umwe mu bagize ubuyobozi bwa MDR batumizwaga muri Radiyo-Rwanda ngo basobanurire rubanda ishyaka rikorana n'umwanzi iryo ari ryo, twe muri KANGURA tuboneyeho kubagezaho INYANDIKO Y'INKOTANYI MAJYAMBERE SILASI yohereje amashyaka twavuze haruguru.

Kubera ko icyo nyandiko yakozwe mu gifaransa, ushaka kuyisoma uko iteye arayisanga muri KANGURA Magazine, version internationale, yasohokeye rimwe n'iyi. Gusa reka tubabwire muri make icyo izo nkotanyi zisaba amashyaka ngo azafashemo intambara izabe urudaca mpaka zegukanye ubutegetsitsi abanyarwanda tugasubizwa ku ngoyi ya gitutsi :

Mu ibaruwa ye yo kuwa 2/12/1991, Majyambere aragira ati:

1°) Kuki mu ibaruwa yanyu mwandikiye Perezida mwemera kujya muri Guverinoma ? Ibyo UPR ntibishaka.

2°) UPR niryo shyamba rikuru kuyanyu, ntacyo mugomba kwemera

mukuru wanyu atabibahereye uruhushya.

3°) Musabe RUKOKOMA

4°) Musabire Impunzi Habyarimana yirengagije ko zatahuka naho ubundi intambara ntizarangira.

5°) Nimwange Itegeko-Nshinga kuko na UPR itazigera iryemera.

6°) UPR ifite ibimenyetso simusiga ko MRND ariyo ituma u Rwanda rutabana neza n'ibihugu birukikije.

7°) Dufite amakuru atubwira ko mwemeye kugirana amasezerano na Leta ya MRND yo gushyiraho Guverinoma. Biramutse aribyo UPR yabajugunya.

Naho mu ibarwa ye yo kuwa 9/12/1991, Majyambere ati:

- 1°) Kuki mukangwa n'itangazo ry'Ingabo z'Igihugu mugahubukira kwizera ubutegetsu no gutanga amasezerano yo gushyiraho Leta?
- 2°) Ntimuzatsinda amatora mutisunze amashyamba yo hanze tuyobora

3°) Nitwe tugomba gushyiraho Leta y'inziyacu yahumuriza abanyapolitiki, igahagarika intambara, igakoresha Rukokoma, igacyura impunzi kandi igakoresha amatora.

Ko mumaze kubyiyumvira se, murabona byabindi ba RUKOKOMA birirwa baririmba atari Inkota-

nyi ziba zabibategetse kubera imishyikirano n'nti ziba zabeguriye naho inzirikarengane zicirwa urubozo ku nkiko z'u Rwanda n'abashaka kunyongera demokarasi muri RUKOKOMA?



FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS RWANDESE PATRIOTIC FRONT

Pasta TIRWOMWE Patrick
C/o T.F. ref na 9861

Kasese, 9th Oktoba 1991,

Dear brother Francis KAMIYA,

Baluwa yawe wanyandikiye mu kwezi kwa Yuni 3d narayibonye mu kwezi kwa Septemba 11 warakoze chane lwose kutumenyes'amakuli y'i Rwanda. Intambwe tumaze gutera iragaragara. N'umusanzu mwoheleje watugezeho n'ubwo tubon'ali mukye, n'abasole bane woheleju ubu bagiye gutangirimyitoto, ulese k'umwe alwaye bikomeye chane byo kufa kugez'ubu ntashobora kwigeza mu ofisi ntacho byamala nta lutege uwo nku bwira yitwa Sezikeye uzamutusi-bulize uwundi nibishobokyerana.

Muli baluwa yawe wandist'utubaz'ibibazo byinshi chane, ndakubiz'ibikomeye gusa kand'ibi byemez'ubigeze ku bacyu mubihelerekanye kuli bwa bulyo. Twakoz'inama tumaze kubon'iyi baluwa, twiyemeza kukugez'ahw'ibi gusa:

1°) Kubyerekey'umusanzu ntabw'utugelaho kandi ni mukyeya bitangaje. Twumvise ko bamwe mubabw'iyi ntambala yo kubohoz'igihugu ch'abasokulu, wabagelaho mukawulya. Ibyo sibyo mulatuhemukila chane. Dole rer'inzi nzi twizeye, n'ukugyez'umusanzu kuli Mutembe T. ref. Na 4526 (see the adresses book on that reference) noneho akayigyeza neza i Kigali kuli KAGABA I. ref Na 238/ niw'uzi nez'ukw'azayigyeza kuli Nizeyimana ali Bujumbura, bityo naw'az'amabwiliza y'ukw'azayitugezahotuli, tugule nonehw'ibikolesho bimwe n'ubw'abenshi bacits'imbaraga

kw'intambala yacy'ilambye nibula babone'ebilyo k'uk'ukukena n'inzi bitumereye nabi n'indwala.

Muz'ubulyo Chief yatulwanyeho bitangaj'aliko rer'iy'abona hali break mu kazi cacyu kandi naw'atangiy'ibibazo bimubaz'amashilingi menshi mu gihugu mutufashe vuba. 2°) Muli planning yacyu twasanze tuzaguf'ibikoresho byoroheje bye training kugira ngo ababasore bacyu bazaze buhoro buhoro kulwanya stability ah'iwacyu tubon'uko tugiye ku ntego yacyu. Ayo mashyamba wowe wishisha n'ayacyu, rwos'azabidufashamo, kandi lero biloroshu chane chane kuko bamwe mu bayobokye bayo twabany'in'aha, abandi bakaba balahoze mu lubyiruko rwa RPF Bujumbura. Buli chaka lyahaw'ubutumwa bwalyo. Mubomba kubimenya mukayinjilamo, amashilingi siyomubuze yo gucenergeza hose mu bwenge kandi mugakomeza guh'urubug'ibinyamateka byanyu bigac'integ'umwanzi we n'abe bagat'umutwe tukabagalulila twizonze nibiba necessary ubwo tuzibataza terrorism na banditism bananilwe. N'ubwo muri bakye lero, ayo mashyamba yacyu muyamenye ndetse hali n'ayandi mushobola kushigikira ngw'abanzi bacyu batatane bulundu. Gutatana kwabo n'iyindi ntawo mugomba kwitaho chane ubwo na Lukokoma twasabye Chief ayishigikiye, igomba kuba, amashilingi ntagomba kubaber'mananiza, nibibangombwa, muzayatange ku giti chanyu lwose, aliko ibe. Abanzi bacyu badatanyenye ntacho twakola. Nimukole ku bulyo, as said the Chief, 'ibimasa bikomeze biligat'intolezo, kandi twese twashimy'ubulyo mwabyifa-

shemo mwigalulila n'abo twatinyaga kulusha. Mukomeze mubatef'inyota y'ubutegetsu basa re kugyeza ku mwisho w'abo bwite, bamarane, ntibakiducitse kuko bazi nza'ibya-babaho baloye kuluhande, mukol'uko mushoboye abayoboke babo mubamum'amaso, twebwe lwose twishimiy'ibyagezeweho, nimubelek'ahw'ibibazo bita li, ndetse n'iyoterrorism mamwe bemeye kuyidufashamo no kuduha abasole babo. Mutume muhuha lero.

Ndangij'iyi baluwa lero ngusaba kufat'uyu musole neza, ukamumenya chane, ukamwoheleza muli byose agatula ah'iwawe, akame y'abandi noheleje iyo, ni ibanga likomeye kugyz'ubwo nzakuh'andi mabwiliza y'aho tuzahulira, we yangij'imyitoto ye. Uzohereze n'abandi muli bwa bulyo kandi muje mukola mu mashyamba yacyu yose bityo tumeny'ukuntu tushyigikiwe n'imabaraga zayo. Nanditse muhita chane kuko ngiyi kuja mu nama i Mbarara, Chief ngonaw'ashobola kuyizamo ngo twigame strategy yo gutsind'umwanzi. Kuli aliya mashyamba, erega tubumvishe ko twese tusangy'umwanzi. Dore, imungu ntiturush'amenyo, kand'igahangala n'igiti nyamukukumba. Ntalibagilwa, nibutse ikindi gikomeme, muza ng'amatora ya vuba vuba tubanze tumeny'aho tuhagaze ah'iwacyu. Mutoye vuba vuba byababushize byose kuli twe. Tuzabafasha kuyabulizamo naza tudashaka, mubimenye kandi mubice-geze mu bacyu bese. Ibind'uyu musol'abikubwile uko bimeze, n'uwawe n'uwanyje kand'azab'umwana mu lugo. Mukomele ku ntego kandi usuhuz'umulyango wose kan'uti dor'amaherezo muzabona.

Mchungaji, TIRWOMWE Patrick.

KIGUFI THOMAS ASHENYE "CHAMBRE DE COMMERCE ET D'INDUSTRIE DU RWANDA "C.C.I.R.", AYISIMBUJE CHAMBRE DE COMMERCE YA GITARAMA.

Uwo KIGUFI Thomas ni umuhungu wa Nyakwigendera MBO-NYUMUTWA Dominique, akaba murumuna wa SHINGIRO J.M.V., wa mugabo wigeze kuba Minisitiri muri Leta y'u Rwanda hanyuma akaba umukozi mukuru muri cya kigo mpuzamahanga cyiga imishinga "MULPOC", aho hose akaba ari ntacyo yigeze amarira igihugu uretse kwitekerereza inyungu ze bwite gusa, n'ubu akaba ari umucuruzi n'umurwanashyaka ukomeye wa MDR.

KIGUFI we rero yashinze imirimo inyuranye muri Minisitiri y'Imali. Abantu bamuzi cyane muri Direction Générale des douanes aho yashoboye guhitisha ibintu bidatanzwe amahoro, bityo akagororerwa utuzu n'utumodoka. Ubundi ariko ni umuntu mwiza, abana n'abandi agakunda igisoro cyane. Uretse ko iyo yibutse ko ngo hari umunyagisenyi wamutwariye umugore yumva abanyagisenyi bose yabagirira nabi. Ubundi uwe ni Maneko wa MDR, akaba anafatanije na MUGENZI Justin ndetse na François NZABAHIMANA gushaka ukuntu baseya umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda kugira ngo basabote ubutegetsu buriho.

Muzi ko mu ikubitiro habayeho Ishyirahamwe ry'abacuruzi ryigenga, iryo shyirahamwe ntirya-teye kabiri, riba rirasenyutse. Nibwo abacuruzi biyambaje Perezida wa Repubulika ngo abashyirireho umuryango ugengwa na Leta, bityo abacuruzi n'abanyenganda bo mu Rwanda babone urubuga bisanzuriramo, bakorana neza na Leta bagirane inama, bafatanye guteza imbere ubukungu. Abacuruzi basabye Perezida kujya abaha abatekinisiye be, aribo "Secrétaire Générale", kugira ngo umuryango utazongera guhura n'ingorane nk'iza mbere ya 82.

Byatangiranye n'umugabo witwa UWILINGIYIMANA Juvénal ashinga umuryango koko akora amategeko, yandika ibitabo maze umuryango uba umuryango koko ku buryo nyuma y'umwaka wari wagirango ni nka ya miryango imaze imyaka mirongo. Hakurikiyeho intwari AYIRWANDA Martin, wa mugabo abantu benshi baziho kuba akunda akazi kurusha byose; si ugukorera abacuruzi biratinda. Yabatunganyirije ikibazo cy'Amapatanzi za ICHA na za CREDOC. AYIRWANDA abonye ko abacuruzi bo mu cyaro batabona inguzanyo kuko ingwate zabo zidakunda kwemerwa n'amabanki, ati sibyo gusa, ntabwo umucuruzi yajya asaza nk'utarihaye. Nibwo atanze igitekerezo cyo gushinga isanduku izajya igoboka abacuruzi bageze mu zabukuru cyangwa se abacuruzi bahuye n'ingorane. Yewe nagende AYIRWANDA yakoreye u Rwanda, yahanganye na MAJYAMBE-Silas arumirwa ati burya koko u Rwanda rufite abagabo b'inyangamugayo!

AYIRWANDA yasimbuwe na BIZIMANA Aloys, uriya mugabo ucisha make nawe akaba atavogera. Azwiho ubuhanga buhanitse bwo gucunga umutungo. Yubakishije ingoro y'umuryango. Ariko amatiku n'ishyari ntibyamworoheye. Abantu bagomba kuba batazi ko mu Bagoyi harimo abantu bihagazeho, haba mu bwenge, mu mutungo (umutungo bakoreye, bati-bye) n'ibindi... BIZIMANA ntiyashoboraga kwihanganira ko hari uwamukoresha ibinyuranye n'ukuri ndetse n'amategeko.

Nibwo yasimbuwe na KIGUFI Thomas w'umunyagitarama. Ubwo abacuruzi b'abanyagitarama barishimye karahava. Nyamara se nubwo BIZIMANA yasize yujuje Ingoro ya CCIR, KIGUFI ntiyana-niwe kuyitaha! Yigiriye mu matiku

ya bene wabo; iby'Umuryango arabyibagirwa. Agomba kuba yaribeshye ko kuba mwene Nyakubahwa MBONYUMUTWA aribyo bizamukorerera akazi. Ibyo rero ntiyabyitwaza.

Ntiyabuze byose kuko yabonye umwanya wo kwihimura ku banyagisenyi. Ubu bose agiye kubarangiza abirukana ngo ni impuguke za CCIR zamusabye kwirukana abanyagisenyi ra! Ubu tumaze kumenya ko muri CCIR nta n'urupfusha bifitiye ariko ngo KIGUFI yiyemeje guha ikiraka umuhanga mu by'amategeko (Juriste Contractuel) mwene wabo ukora muri MINICOM, uri muri konji, kandi CCIR yifitiye uwayo juriste. Madame KAYUKU niwe ushinze ako kazi kandi rubanda bazi ko ari ntacyo amariye CCIR, uretse kuhabera icyenewabo. None se arahatira ikiraka umukozi wa Leta ngo nabigire ibibazo biri muri "Dossier Pé-tuel) mwene trorwanda".

KIGUFI yariye isoni. Umuntu uhatira abakozi bose kwivuzwa kwa Dogiteri MUHIMA kubera ko Sekereteri we ari Madamu MUHIMA nyine. Ngaho aka Sekereteri na Patore kandi abazi KIGUFI bamuvugaho gukunda abitukuje nawe ubwe ni inzobe yaka! Muri kontabilite i hasigayemo mwene wabo witwa BITWAYIKI nawe ni bitwayiki koko kuko ntawamenya ibyo abamo. Ariko se bacuruzi mbabaze. Bariya bagabo babanjirije KIGUFI bakiriho umuryango wigeze ugira ibihe bibazo? Ubu rero umuryango wanyu ugiye gusenywa na KIGUFI, MUGENZI na François, none se mutegereje Rukokoma kugira ngo umuryango muzongere kuwushinga? Ariko se muzongera mutinyuke mujye imbere ya Perezida ngo murashaka ko yabafasha ngo abashyirireho undi muryango n'igihe cyose yabasabye guhindura amategeko ngo ayabasinyire na magingo aya! Ariko namwe sinabarenga-

nya, ko uwabikoze se, François adashobora kuyasobanura mu nama ya Leta.

Chambre de Commerce ya Gitarama.

Ubu KIGUFI afite umugambi wo kwirukana abakozi bese bakomoka hahandi bita mu rukiga ngo bakazira umuntu umwe wamutwariye umugore. Ikinyagisenye cyo kimutera iseseme. Nta kindi kibazo ashobora kwitaho uretse icyi Gitarama. Muhertse kumva imyigaramabyo yakoresheje i Gitarama ngo abacuruzi baho ntibifuza ugena imisoro "Vérificateur" ngo ntibifuza abagenzuzi ba forode. Munyumvire, abo bakozi ba Leta baba i Gitarama gusa? Hari aho mwigeze mubona igihugu gishyigikiye forode? Niba bene wabo ari abaswa batazi kudekarara inyungu, bagombye kubagira inama zo kugana amahugurwa. Kandi gutanga inama nk'izo biri mu kazi KIGUFI ashinzwe.

Nahobya bindi bavuga ngo abacuruzi ba Gitarama bazi gukora kurusha abandi ni uko nyine bacuruzi Forode kubera ko iwabo ari isangano n'ihuriro ry'imihanda iva impande zose z'igihugu. Hari ibiba-

zo byinshi by'abacuruzi KIGUFI Thomas yanze gukemura kandi yarabimenyeshije:

- Hari abacuruzi barenganyijwe mu misoro kandi bakora kontabilite neza.
- Hari abahohotewe n'ubutegetsi bwa Komini, baramburwa mu nzira zinyuranyije n'amategeko.
- Hari abacuruzi basabye ibibanza byo kubakamo inganda ntoya cyangwa za ateliers ntibabihabwa kandi bihari.
- Hari n'ibindi bibazo byinshi KIGUFI Thomas yamenyeshije ariko ntabyiteho kubera ko atari iby'abanyagitarama.
- Hari umugore w'umunyagitarama ushinzwe serivisi yo gufasha abacuruzi mu byerekeye amategeko no kuburana, NIWENAMUHA Médiatrice, kuva KIGUFI yagera muri Chambre de Commerce uwo mugore nta dossier n'imwe yari yakora, ahubwo ahozwa muri za misiyo i Burayi no muri Amerika, kugira ngo bayogozwe umutungo wa Chambre de Commerce, dore ko bafitanye n'amasano, barangiza ngo nta mafaranga ahari yo guhamba abakozi hejuru y'ubusahuzi bw'abantu babiri. Nimutabare bacuruzi, Chambre de Commerce

KA02 1546

yanyu ubu ni Société en faillite, yarahombye! KIGUFI rero na Médiatrice no mu by'ubwenge, uretse ko umwe yaba yarabonye diporome kubera uburanga, undi kubera aho avuka, naho ubundi usanga aba D4 aribo babakorera akazi kose kimwe na za raporo.

Kubera ko Umuryango ubu ari nta garuriro, abacuruzi bari bakwiye kwiga ukuntu bashyiraho imiryango yabo bakurikije (décentraliser) uturere kuko aribwo ibibazo bizajya byumvikana vuba. Abazi ubwenge ntimuzongere gutanga imisanzu muri Chambre de Commerce kuko icyo iyo misanzu ikora kuva KIGUFI akiba Sekereteri Jenerali wa Chambre de Commerce ari ugukemura ibibazo by'abanyagitarama gusa. Hagati aho ariko abacuruzi batorewe guhagararira bagenzi babo bagomba kumenya icyo bashinzwe, ntibajye bagaragarira mu minsi mikuru gusa, mu myanya y'icyubahiro. Naho ubundi ntawe uyobewe ko umuryango CCIR usenywe n'AMASHYAKA!

MUGEMANSHURO Florent
Kacyiru-Kigali

UMWIRONDORO WA TWAGIRAMUNGU FAUSTIN

Yavukiye i Bukavu muri Zaire ku mubeyi w'umututsikazi na se utazwi neza kuko aho abeshya ko akomoka ho muri Gishoma ya Cyangugu bemeza ko yabyawe na nyirarume. Na se yitirirwa akaba atazwi neza. Mushiki we ni umututsikazi nkuko irangamuntu ye ibigaragaza, atunzwe n'Inkotanyi Amoni ubu wahungiyeye muri Kenya akaba muramu w'umututsi kabuhariwe witwa LIKOLO uzwi cyane mu magereza y'u Rwanda n'aya Zaire.

Iyo TWAGIRAMUNGU Faustin ageze i NAYIROBI, Inkotanyi zahahungiyeye zirirwa zimuteruye nka KIGELI nkuko bigaragazwa n'amafoto yafotowe akorerwa umunsi mukuru wa gututsi.

Ngo biyunze na PL agira ngo ahorere ba Sewabo Abahutu bishe muri 1959 - 1969 ngo abandi MDR ikabagira IMPUNZI. Aha

mwibuke ko Abanyiginya babanje kwigarurira Abahinza bagatera abandi bahutu, bamara kubigarurira nabo bakabarimbura.

ITANGAZO.

IBIRO NTARAMAKURU BYIGENGA GISENYI- INFORMATION biramenyeshya abasomyi ba KANGURA ko nimeru nshya yasohotse ikaba ibarizwa ku Gisenye - Mahoko - Kora - Mukamira - Ruhengeri - Gakenke - Vunga - Kabaya - Ngororero - Nyirangarama - Kigali - Kabuga - Gitarama - Nyanza - Butare - Gikongoro - Cyangugu - Bugarama - Kirambo - Byumba - Kibungo - Nyagatare no ku Kibuye.

Musome, musomeshe KANGURA, ikinyamakuru cyigena.

BIMENYE NABYO

Ukimara gusoma iyi KANGURA hita ubariza aho usanzwe uzigurira KANGURA MAGAZINE - VERSION INTERNATIONALE kuko harimo amakuru ahuye n'ibihe turimo. Niba kandi ariyo ufite mu ntoki zawe, basabe KANGURA No 28 kuko ariyo yasohotse bwa nyuma muri uyu mwaka. Tubonyeho ko buri gihe hazajya hasohoka KANGURA ebyiri: iyanditse mu Kinyarwanda ku bumva urwo ruli mi, n'izajya yandikwa mu Gifaransa no mu zindi ndimi kugira ngo abumva izo ndimi babashe kumenya ibibera mu Rwanda no mu Burundi ndetse na Zaire. Ngaho rero nimusabe KANGURA zanyu. Igiciro ni cya kindi: 100 FRW.

IGIHUGU KITICA IMBWA CYORORA IMISEGA.

Abashinzwe ubutabera n'umutekano kuki barengera abandi nti-barengere Général ?

Mu bihugu byose, Perezida wa Repubulika ahabwa icyubahiro akwiye kubera imirimo ikomeye ashinzwe. Arubahwa kandi ni mu gihe ni Umubyeyi. Ikibabaje ni uko mu Rwanda, abatangazabinyoma nka MUGABE wo muri le Tribun du Peuple, RWABUKWISI wo muri KANGUKA n'abandi nk'abo bamugize nka mubyara wabo ku buryo nta nimeru n'imwe bashobora gutangaza batamutesheje agaciro. Umuntu akaba yakwibaza rero niba ubutabera burengera abandi butagomba no kurengera Perezida wa Repubulika cyane ko abirengagiza icyo Generali yakoreye uru Rwanda ari Inyangabirama. Ariko icyo umuntu abisesenguye asanga ibi bihe bisa n'aho byateye abategetsi bamwe ubwoba. Iri hururu rikababwira ryatuma bamwe bakurikirana ibibera muri iki gihugu bameze nk'Indorerezi (Observateurs) kandi aribwo amategeko agomba kubahirizwa, abategetsi bakagaragaza icyo bashoboye. Twe turabona hari abashaka ukuri, turi hanze kandi hanze habayina umuhanga. Dore nawe ibinyamakuru biraharabika Perezida wa Repubulika ubucamanza n'abashinzwe umutekano bakitura-mira. Abanyamashyamba birirwa bamutesha agaciro, ize nze zikinu-mira.

La Politique c'est quoi, en fait ! Ibi byose kuki ? kuki ? Harya ngo biyise «les forces démocratiques»

«Hanyuma se La force judiciaire» ntacyo ikivuze ?

Reka dutange ingero, maze ababishaka musubize amaso inyuma mwibaze murasanga ari agahomamunwa. Duhere hafi. Ikinyamakuru «Le Tribun du Peuple» N° 12 cyo mu kwezi k'ukuboza 1991 cyaharabitse Umukuru w'Igihugu n'umufasha we, ubutabera buraceceka, Pourquoui ? Kubona agacurama Mugabe ashira Umukuru w'igihugu mu ruhu rw'Ubwidishyi muri le Tribun du Peuple n° 10 maze inzego zishinzwe umutekano zigakomeza kwituramira. Baneka baneka iki ? banekera ubuhe butegetsi. Utazi ikimuhatse.... Mugabe arihanukira amutamiriza ikamba ry'ubwami n'icumu. Ntimuramenya irengero ry'amagambo mu karimi (ikaramu) k'inzoka ? Ahari uwo muhanurabinyoma akumbuye ingoma ya Ruvumwa KANJOGERA na KANKAZI bicaga abahutu n'ingobe. Ntabwo ateze !!! Rero yihaye no guharabika Arkepiskopi wa Kigali, Musenyeri NSENGIYU-MVA rubanda murahangara ! Nyamara se icyo bikanze Baringa abaturutsi bese ntibahungira muri za Paruwasi. Kuki Mugabe na Le Tribun atabazwa iby'ubukotanyi bwe. Muri n° 8 yihaye gutaka inyenzi-nkotanyi Kagame, naho muri n° 9 yiha gutaka Rwigema n'ububwa bwe nk'aho twese tutazi ko ari inzoka. Ariko kuki abashinzwe umutekano batamubaza abo akorerwa ngo tube maso. Inyenzi ikorere i Kigali ku mugaragaro twicecekere !

Ibyo bizatugeza kuki ! Nyamara Kangura yakwandikira ngo ibunaka bararengana bakadusamira hejuru. Mbega ! Kuki Mugabe yiharerana Jenerali akamuharabika ntabibazwe. Abazi ko bagomba kurenganura uyu mubyeyi w'u Rwanda bazadusubize. Uretse le Tribun, ibinyamakuru by'abatutsi bigomba kubazwa, bigakosorwa ku burere bwabo bubu, buhishe ubugome bwateza imvururu mu gihugu, barimo nka Kiberinka.

Kuki uwitwa NSHIMIYIMANA atabibazwa ? Kanguka n° Spécial 4^{ème} Année 1991, Ravi yise «Intambara y'Ukwakira» muzongere muyisome. Abatarayisoma muzayisome. Kuva atangira kugeza ku musozo ibirimo byose, byose ariko, bigamije guca intege ingabo z'igihugu no guha icyuho umwanzi. Kuki atabibazwa. Ubwo wenda ubucamanza bwacu buracyatinye ba Avocats bavuye imahanga ngo baje kurenganura Ravi ikiremwa muntu, bivanga mu mucu n'amateka y'ibitabareba.

Tuzigenga ryari ? Muri Kanguka yo kuwa 22 Ugushyamba 1991, uwitwa Rangira yihaye kunegura no gusuzugura imfashanyo Perezida wa Repubulika yatanze i Rukomo (MURAMBI BYUMBA) n'i Runaba (Butaro-Ruhengeri). Kuki atabazwa iby'iryo vogonyo ? Koko babivuze ukuri, igihugu kitica imbwa cyorora imisega !

HITIMANA Noël
C/O KANGURA.

NYAMATA (KANZEZE) INDURU Y'ABAHUTU NI NDENDE.

Turatabaza, turavugira hejuru ngo abakunda amahoro bese bari mu gihugu ndetse n'abari mu mahanga badutabare kuko urupfu rutugera amajanja. Muti n'urupfu ruhe ? Ni rwa rundi rw'urubozo, rw'agashinyaguro, rwateguwe kuva kera n'abashyigikiye ku mugaragaro. Inyenzi-nkotanyi. Abashoza icyo ntambara babanje kuyiha isura idasakuza (guerre froide), bategura

imigambi yabo ku buryo bunononsoye kuva mu kwezi kwa Mutarama 1991. Batangiye bohereza abana babo mu Nkotanyi banyuze iya Kibugabuga na Ngeruka dore ko n'ubwo ari domaine militaire bitwaza ko baragiraye inka zabo. Barakomeje kugeza ubwo babonye ishya-ryabo P.L. ribafasha kugera ku mugambi wabo ku mugaragaro. Nkuko mwabizomye muri Kangura

n° 27, kuva mu kwezi kwa 8 k'uyu mwaka, kugeza ubu abantu bamaze kwambutsa abasore barenga 120. Bamwe mu bagiye harimo abagaruka bakagira uruhare mu gutwara abandi basore, ibyo bikarushaho kudutera ubwoba kuko igihe nikigera bazajya baza bakica uko bashakira kuko ntawamenya...

Dore bamwe mu bajya bagaruka: RUTAHA wa RUBERANDI-

KA02 1548

NDA Segiteri Kanazi
BUNOTI wa NSHIMIYIMANA
 Segiteri Kanazi
BIKARISHYA wa SEMATAMA
 Segiteri Nyagihunika uyu n'umugore we yaje kumujiyana
IZAYASI wa LUBERETI Segiteri Muyenzi n'abandi benshi.

Ibi rwose iyo ubajije abashumba baba mu Ishyamba ry'abasirikare babikwemeza, nta gushidikanya, dore ko baba bazi n'umubare w'abagiye ku rugamba n'abakitoreza mu **KIRUNDO (BURUNDI)**. Ikibabaje ni uko iyo baje (nka **BUNOTE**) urababaza uti wabaga he ? Agusubiye za ko yari yaragiye gusura bene wabo i Kibungo, ibunaka handi se! Ubwo ntacyo wongeraho kuko yenda aba anafite ibyangombwa byose. Ubwo nka **BUNOTI** arakomeza agatata abazagenda dore ko we mbere yo kugenda yabanje kwambutsa bakuru be barimo umukwe wa **MUREGO Donat (MDR)** n'undi mwene wabo uzwi n'abaserire. Babafatiye kuri bariyeri bigura 40.000 Frs barabareka barigendera, hari muri Werurwe 1991.

Muri iki gihe izindi ntware abatutsi bo mu Bugesera bitwaje zira-hanitse cyane :

- Kuroga Abahutu bose bakomeye, babategeye mu mayoga mu tubare na za Resitora. Agapfa kaburiwe n'impongo. Aho hantu urebye hose ino muri Kanzenze ni ahaho.
- Kunaniza ubutegetsi mu buryo ubwari bwo bwose. Vuba aha baragusimbukiye batwikira imiryango itanu y'Abahutu (Segiteri Muyenzi) ibyo ngo babikoze bagamiye kubarakaza ngo bafate imihoro bateme abatutsi noneho babone ibyo barega Burugumesitiri **RWAMBUKA** wabagoreweho. Ingaruka zabyo mwazisomye muri "Le Tribun des Tutsi" aho **MUGABE** yihaye guharabika **RWAMBUKA**, akabeshya karahava. Kuduharabikira umuyobozizi twemera ninko kudukora mu jisho.

Murashaka ko avaho hakajyaho ibikoresho byanyu ariko niyo yavaho ubu twazamusubizaho muri ya matora mutinya.

Niba uri umunyamakuru, utarogotwa, usebanya kuki muri Anketi ubeshya ko wakoze, utashyize ahagaragara ibyo Abaserire bafata izo nyenzi zizerera mu gihugu bakubwiye, ukongeraho ibisobanuro wahawe na **PARIKI**, Komanda w'ikigo cy'i **GAKO** ndetse na **Burugumesitiri** ubwe. Wowe **MUGABE** ukwiye kudasaba imbabazi, rubanda twese ushaka kutuzanamo amacakubiri. **RWAMBUKA** we, tumukomeyeho ? Uzi ubwenge wakwitondera **GAHIMA François Xavier**, "UWAYEZU Joseph", bakubwira gusa iby'ubugome bwabo burenze ubw'inzoka ngo aha none babona **RWAMBUKA**, ubumbiye hamwe abaturage ba **KANZENZE** twese, ahigitse. Baba babonye uko imidugararo yakwira hose, inyenzi zabo ziri mu Kirundo, aho zitorezwa na Major **SEBIZIGA**, zaza gutsemba Abahutu bose.

Dore Abatutsi baradutwikeye bagira ngo bene wacu batemagurane, baramwara basanga politike ya Perezida **HABYARIMANA** yaraducengeyemo. Twe tuzi agaciro k'amahoro. Tuzi ko ubuzima bw'umuntu buhenda uretse ba **RUKARABANKABA** bashoza iyo batazarwana. Ubu se muzabigira mute ko ayo marozi yanyu twamaze kuyatahura ? Ibyo kudutesha umutwe ntabwo mukubishoboye, nimuhave duhangane mureke ibyo mubeshya. Rero ngo musigaye mujya gusaba Resanseri, mwene wanyu kubasubiza ubwoko bwanyu kuko ngo buyoka mwari mwarihinduye abahutu. Yewe nabubahe, abashaka amayeri yo gusanga Inyenzi murayazi, amahoro iwacu twe tuzayaharanira ! Tuzi ko tugomba kwirinda by'umwihariko **GAHIMA** n'igikoresho eye **UWAYEZU Joseph**. Uruzi ngo ejobundi le 17/11/1991, i Kigali mu myigaragambyo y'amashyamba, biriwe basaba ngo barashaka ko **KARINGANIRE** yagaruka kuba **BURUGUMESITIRI** ! Nta soni ! Ni nde uyobewe igitugu cye. Ni nde uyobewe amarangamuntu yatanga mu buryo bunyuranije n'amategoko afatanije na **RUBAZINDA**, se wa **UWAYEZU**, ushinzwe ibiro by'ibarura bya komini **KANZENZE**.

Ayo marangamuntu yahabwaga abatutsi ngo bajye kunyereza amafaranga mu mishinga inyuranye nka **Projet Mbonera** y'amashyamba ku Kibuye. Bibye muri **SONARWA** n'ahandi henshi. Niba mbeshya bazabaze **RUZIGANA** wari **Sous-Préfet** wa **KANAZI** ukuntu **RUBAZINDA** yahawe Pansiyo: kubera ayo makosa yo guha abatutsi bo mu mahanga ibyangombwa ku buryo butumvikana **RUZIGANA** yari yemeje ko **RUBAZINDA** yirukanwa. Ubwo murumva ko dosiye imwirukana yenda yari kugendana n'ibindi bihano bikomeye n'uko umukwe w'abatutsi **KARINGANIRE** abijyamo, kwirukanwa bihinduka pansiyoye dore ko ni igihe cyari kigeze. Joseph rero mu kuzirikana iyo neza y'uwo mu Merisoneri ati n'agaruke atuyobore. Turamwanze, ntatumushaka. Aziyamamaze, azatorwa na baramu be na ba sebukwe kuko na kera aribo yakoreraga gusa.

Abaturage ba NYAMATA turifuza iki ?

- Turasaba Mugabe Jean Pierre, Ndasingwa Lando n'ikinyamakuru cyabo kudahururira amabwire ya **GAHIMA**, kuko bitabaye ibyo imigambi yanyu yaba ikemangwa. Mujye mushaka kandi mutangaze inkuru zivuye mu bantu benshi barebwa n'ibibazo nka biriya. Mu nyandiko zanyu mutangaza hari umuhutu n'umwe mujya mubaza ? Ese mwakwemeza ko ibyo mubona twe abahutu bitatureba ?

Twongeye kubararika, rwose Mugabe, muzajye guperereza muri segiteri Muyenzi iby'izo ngo zahiye, urebe ko utazakorwa n'isoni, ugatiya gushyira hanze bene wanyu. Uruzi ngo baratwika, bagahita bakwiza inkuru kuko bifuzaga ko umuhoro uhita uvuga maze induru bakayigeza mu miryango mpuza mahanga ngo nibaduhe akato n'impfashanyo zihagarare. Yewe utazi ubwenge ashima ubwe. Cyakora niba uri umukirisitu soma Zaburi 12/1-6; 31/1-15.

- Turasaba ko abakozi bashinzwe Iperereza mu Bugesera bakora

akazikabo uko bikwiye. Dore ko benshi iyo bagezemo bahita bagabirwa amaka, abandi bakubakirwa amazu byo kubahuma amaso, maze bagatatira urwababyaye. Ubwo buryo bwo gushaka kwigururira abategetsi barabukunda cyane maze utabyemeye bikamugwa nabi kuko aba yanze kuba igikoresho cyabo. Aha ! Kaba kamubayeho. Uzabaze RUZIGANA inshuro yakubiswe, siwe wabonye ahava. Kugeza ubu baracyaririra RUDAKUBANA wari igikoresho cyabo. Yahawe mitasiyo imodoka zose z'abatutsi ziramuherekeza. Ni mu gihe kuko we na KARINGANIRE François baburiraga abazasakwa none i-

mbunda ziri i Nyamata ntizizapfa zivumbuwe na rimwe.

- Hakwiriye Iperereza ku miryango yose yavuyemo abana b'abasore kuva muri Mutarama kugeza ubu. Aho bari mu Rwanda hakanamenyekana, ibyo bitabangamiyeho imirimo yabo. Abatabonetse mu gihugu bikaba bigaragaye ko babaye Inyenzi, twese tukabamenya. Abajya bagaruka muri rokiritema tukabona uko tubafata mu marondo. Kuko batazongera kuvuga ko bari baragiye gusura bene wabo.

- Abaturage ba Bugesera mureke dusubire ku marondo twese, bidahariwe abaserire kuko icyo kwa

NSHIMIYIMANA barekuye ibihumbi mirongo ine (40.000 Frs) buri muserire agura matela na radiyo ntiyibuzana n'akaboga. Ba Ekkonseye nabo babimenyeshwa bakajoma. Nimureke twese duhaguruke, tube maso, u Bugesera ni ubwacu twese Gahutu na Gatutsi ndetse na Gatwa. Abajengereje ubutegetsi bashaka guhirika

abayobozi barazwi. Amatiku ya GAHIMA n'igikoresho cye UWAYEZU Joseph ntaho azabageza. Burugumesitiri RWAMBUKA we nahumire tumukomeyeho.

SERUBIBI Sostène
Kiyogoma
Maranyundu-Kanzenze
B.P. 111 Nyamata

BANYARWANDA TURISUZUME TUTABA TWARANYOYE IBIFUTERO

IBIFUTERO Alegisi Kagame, umwe mu batutsi wanditse ku mateka y'ingoma-nyiginya, asobanura uko umwami Mibambwe Rutarindwa, yahawe na nyinawabo Kanjongera IBIFUTERO bikamuhindura ikijibwe. Yabyanditse mu gitabo cye «Un abrégé de l'Histoire du Rwanda de 1853 — 1972, p. 108, 109 — 501».

(... AVANT SON INTRONISATION COMME CO-REGNANT, LE PRINCE RUTARINDWA ETAIT UN HOMME ALERTE ET DECIDE. MAIS PROGRESSIVEMENT, APRES SON INTRONISATION IL DEVIENT INDECIS ET HEBETE, AU POINT DE NE PLUS ETRE CAPABLE DE SE RESOUDRE A UN PARTI) mu kinyarwanda ngo : (Mbere yuko igikomangoma Rutarindwa yimikwa yari umuntu ushabutse uzi gufata icyemezo kiboneye. Ariko amaze kwimikwa agenda ahinduka igicucu buhoro buhoro, agera aho atagishobora gufata icyemezo na busa....).

A. Kagame agasobanura IBIFUTERO ICYO ARI CYO : «L'EXPLICATION DE CETTE DECHEANCE AURAIT ETE LA SUITE DU FAIT QUE LE MO-

NARQUE AVAIT ETE «DROGUE» A LONGUEUR D'ANNEES. IL AVAIT BETALEMENT PRIS AU SERIEUX LA RELATION FICTIVE ETABLIE ENTRE LUI ET SA REINE - MERE ADOPTIVE, CELLE-CI PREPARAIT LES VOIES A L'INTRONISATION DE SON PROPRE FILS, DONNAIT REGULIEREMENT A MIBAMBWE IV DU CIDRE AVEC DU JUS NOCIF = IBIFUTERO AYANT LA PROPRIETE DE FAIRE TOMBER DANS L'HEBETUDE. CECI N'EST PAS EXTRAORDINAIRE, CAR DE NOS JOURS ENCORE ON PEUT CONSTATER PAREILS EFFETS !

Mu kinyarwanda ati : (Uko guhurama kwatewe nuko bamuhaga «ibiyobyabwenge» mu gihe cy'inyaka ingahe. Mu bucucu bwe akaba yarizeye nyina-wabo, kandi we yitegurira amayira yo kwimika umwana we bwite, bigatuma aha buri gihe Mibambwe IV ibinyobwa bivanze n'ibifutero (jus nocif) bifite kamere yo guhindura umuntu ikijibwe. Ibi si igitangaza, kuko n'ubu bene ibyo by'abahuramukwa biki-boneka).

Ndenze iki se kuri ibi ko ibigaragara muri iyi ntambara, n'ihuza-

gurika riyinyuranganamo, kutabona, abantu ntibumve, ntibamenye gufatira umwanzi icyemezo gikwiye, ibyo bintu bidahakanira abuzukuruza ba Kanjongera, bazobereye mu gucengera mu bikari by'abategetsi n'abakire.

None se uwavuze ko abantu baguye mu muraramo, ko ubanza baragiye bafatirwa mu birambi by'ibizungerezi muri za byeri zo munsu y'udutanda no mu ngemu za shampanyi n'ibindi. Banyarwanda bavandimwe naho kwisuzuma. Kuko iyo umuntu arebye iyi ntambara twakuruweho n'abatutsi, waterera amaso ukabona ayo abahutu bigira, n'urujijo rubarimo, wibaza byinshi.

Nawe se gusanga abantu basubira mu by'umwanzi avuga. Bakamuha ibyo abasabye n'ibyo atabasabye kandi abicira buri munsu, si akumiro ! Abanyarwanda b'abatutsi barakugendeye, bazikura abagogwe bapfuye kera, abigiriye mu birunga gufasha bene wabo gutera u Rwanda, abo bese babashyira kuri lisiti ngo dore abagogwe bapfuye, rero ngo bishwe. Mu ngororero, bahimba ibitabayeho, mu Bugesera bazimanganya ibimenyetso by'ibiyitso. Abanyarwanda bintashishoza bagenda bahumwa na ba

KA02 1550

mayeri, nabo bagasubiramo bakandika ngo habaye ibi, abagogwe bapfuye, nk'aho niba hari n'abapfuye batarazize kugambanira igihugu no gushotora abanyarwanda.

Ikindi kerekana uko kugwa mu musinziro, ntidushishoze, ntitubone kandi ntitwumve na busa, Ni uko inyenzi-inkotanyi zaduteye, zabanje kuza zitwaje ko ari impunzi zishaka kuza mu gihugu ngo zita icyazo. HCR iti impunzi zagiye muri politiki, zigatera igihugu ubuhunzi buba bwazivuyeho nta kindi. None kuzeza kuri uyu munota, ubutegetsi buriho buracyaririmba ngo buzakemura ikibazo cy'impunzi. Amashyaka ashingwa nayo araza aricyo yimirije imbere! Mbe Banyarwanda none twaba twaromeje, tuga-pfushiriza kumaririza, tukaba twarabuze abasobanurira amahanga ukuri kw'ibintu. Umva ko hari ubwo batamenya ukuri nyako, bagahatira ibintu bidahwitse. None se umutegetsi w'umufaransa wakwemera ko umufaransa atera Ubufaransa ni nde? N'ukigambaniye bahita bamuca umutwe, nibyo. Si n'aho gusa no mu hindi bihugu nuko.

Ubundi abategetsi b'ubu batubwiye aho izo mpunzi ziri, bakatubwira amazina n'umubare wabo, bakatubwira n'igihe bahungiye ndetse n'icatumye bahunga. Bakatubwira neza ukuntu impunzi zifite intwari zo gutera igihugu maze zikanashobora kurwana umwaka urenga, zidahumeka.

Abategetsi bariho n'abanyamashyaka nibasubize umutima impembero, bavugishe ukuri bashakishe umuti nyawo. Abanyamashyaka, tubatungire agatoki nibafatanye n'ubutegetsi bwakururiye iyi ntambara, bafatanye na HCR, ndetse n'ibihugu impunzi zaba zirimo bakore lisiti yabitwa impunzi igaragare, bakore n'iya bateye u Rwanda imenyekane. Kuko tumaze kumenya ko twagambaniwe, ejo batavaho badaturaho ababisha bariho batumenaho za Katiyusha.

Inyenzi ziyumviye ko HCR ivuze ko ntampunzi zikiriho kuko zateye igi-

hugu zikivanga muri politiki.

Inyenzi-inkotanyi ziti n'ubundi twarajijishaga, turashaka kwifatira igihugu. Abatware bacu ibyo banze kubyumva, ahubwo baracyazihomoma inyuma ngo barashaka ko impunzi ziza mu Rwanda. Aho babajije Museveni impamvu ashyigikiye abatera u Rwanda, yaba atabashyigikiye akabivuga bikamenywa, ngo baratanga imbabazi kubatazibasabye. Mbese Museveni atinyirwa iki ra!? Koko abanyarwanda bakomeze bicwe! Uretse ko hari uwigeze kwandika ko ngo abaduterera igihugu basezeranjwe kuzazungura abategetsi bariho ubu. Mbega kugambanirwa. Banyarwanda bagihunyereza muramenye u Rwanda.

Dore undi musinziro uteye ukundi, abategetsi bagiye kugira imishyikirano yo guhagarika intambara, aho kuyigirana n'abategetsi b'igihugu gicumbikiye abadutera, hayagiranye n'inyeshyamba. Izo nyenzi se zituye he? Ni zande?... Ngiyo imishyikirano muri Tanzaniya za Darisaramu, ngiyo i Nsele muri Zaire. Ibyo bemeranyije byo guhagarika intambara, inyenzi zawe zirabisinyira, zirangije zirabigarama, maze si ugukomeza kurasa abanyarwanda zirasizora, si no gutuka abo bategetsi b'amacuti yazo zirakorongwa. Ariko rero rata, umugabo agirana amasezerano n'undi mugabo, iyo rero ayagiranye na bene bariya, biba uko byabayeye, ntafata. Hagire umpinyuza.

Banyirugusinyana nabo nkaho batubonye ibyo binyoma bivanze n'agasuzuguro, ngo batanze imbabazi. Bazitanzwe se nibura inyenzi zahagaritse imirwano n'umunsi umwe? Mbega amahano! Twizeye ko Perezida atazabisinyira. Ubwo bushake bwo gukomeza kumena amaraso, abatware bacu ntibabubona, barongera bati dutanze amunisiti ku batutsi batwiciye bene wacu benshi, bakica abahutu n'agahutu, ku buryo iyo amunisiti bagombye kuyihabwa babanje gupfukama. None se ko bizwi ko Imana abayicumuyeho ibashyira mu muriro utazima nta kindi, ubu se abategetsi bacu bazavuye ko barusha imana umutima. Ni umurindagiyo, twaragendesheje, naho kwishumbusha nta kindi. Ibyabahumishije ubwenge biriho, kandi biragenda bigaragara. Ni ibifutero n'ibizungerezi. Amashyaka avuka mbese yo ugirango umurindagiyo urayaribera izuba. Ko tutigeze twumva yamagana iyo migirire yo guha imbabazi abatazishaka ra! Badashaka no kureka kwica, ahubwo nayo ngo tuzita ku kibazo cy'impunzi. Amagorwa aba menshi si ay'uru Rwanda. Abadepite bo, niba-

nyakwigendera ntawakwirirwa arutanga ngo abashakire mu byo kwirirwa bashishoza no guhaguruka ngo bahagarare barengere Inyungu za Rubanda, babeshya ngo barabahagarariye, ku buryo habuze numwe wakwamagana imigirire mibi y'Inkotanyi igiye kumara abanyarwanda.

Abanyamashyaka bati turajya muri rukokoma, ntakibi. Ariko bakarindagira ngo na FPR y'inyenzi-inkotanyi nayo izazemo. Ubwo se izaza ite n'abanyarwanda amagana n'amagana imaze gutikiza!? Ikaba yarahakanye ngo keretse ije itegeka nta kindi, kuko ariyo mpamvu banze guhagarika imirwano. Nababwiye ko ubutabera butuma Imana ishyira mu muriro abayicumuriye, aho kwicarana nabo. Gushaka rero gusumba Imana ni ugukora sakirirego iruta izindi. Kureba bene wacu inyenzi-inkotanyi izo ntutsi zishe, warangiza ukajya kubatarika imbere y'abo biciye, ubwo rwose ni ubundi bugambanyi no gusonga abiciye.

Icyo twe abanyarwanda dusaba, dore igihe bayibwiriye ngo ihagarike intambara, ikanga. Ntigomba rero kuduhagarikira demokarasi. Izaze muri Rukokoma imaze umwaka itohereza Katiyusha ku banyarwanda. Amahanga akazasobanurirwa ku buryo butaziguye, ibyakozwe n'u Rwanda ngo intambara ihagarikwe, inyenzi zikanga. Kubera iyo mpamvu zigomba gufatirwa ibihano bigaragara, ndetse abanyarwanda bakavuga ibyo bazisabiye, kubera ko dushaka kumenya impamvu abategetsi birirwa bazifashe ku kibuno.

Koko abasirikari bacu bapfe buri muni, noneho ngo inyenzi nizize guteta muri Rukokoma. Umva ko ibifutero Kanjogera atabisigiye abuzukuruza be.

Igihe inyenzi inkotanyi zizaba zahagaritse intambara nibwo ibyo basabye byose kuva intambara yatangira, bizasuzumwa. Bitaba ibyo abanyarwanda twese tukambara tugatabara u Rwanda rwacu, ni basogokuruza barudukondeye, ruzaturamo abashaka ko duturana. Ubu ntihabura abasoma ibi ngo ndateranya amoko. Sinteranya amoko abayateranya ni abashoza intambara, abandi ni abashyigikiye abayitera ntibababwize ukuri kw'ibintu. Ugasanga buri gihe bajijisha, Abadutera nibamenye ko tudashaka ko bakomeza kuduterera igihugu, ko kandi twiyemeje kuzakirwanirira uko byamemera kwose. Turashaka ko kandi abategetsi bagira vuba na bwangu bagakura mu gihugu ibyitso byose aho byaba biri ho-

se. Ntidushaka ko abasirikari bacu bakomeza kurasirwa ku rugamba kubera ubugambanyi bw'abamwe, bakomeza kwigira nyoni nyinshi. Kandi ntawuyobewe ko abagambanyi benshi bari muri bene wabo w'inyenzi -inkotanyi, bakaba mubo basangiye. bakaba bagisangiye, bakaba mu bizungerezi n'ahabituze.

Iyo bitaba iby'ibitso intambara iba yarahagaze kera. None umuntu arabivuga bakenda kumucamo kabiri. Niba mbeshya hazagire umbwira ukuntu amakamyo ya Rwigara yambutse akamusanga kandi igihugu ngo gifite abategesi n'abagenzuzi. Banyarwanda mwabaye maso mugakurikira igihugu cyanyu. Mukikunkumura ubuhake, bu-

heza mu bwoba, ibi byombi bigatera kub'umucakara mu gihugu cyawe.

Njye uko mbona abategesi bamwe bakwiye kwirogoza. Barangiza bakabwira inshuti zabo zigahagarika intambara, abanyarwanda ntibakomeze kwicwa. Inyenzi zakwanga kureka kurwana, zikazaba zerekanye ko zitari abanyarwanda ntizakongera kugira ubwene-gihugu bw'ubanyarwanda. Bazavumwe, bacibwe nk'uko se w'umwana wahindukaga ikirumbo yamuvumaga akamucya mu bana be. agahinduka ikiroroge. None se hari umubyeyi wakwemera gushyira mu bana be umwana uhorana inyota yo kumena amaraso, ahora ashotora abavandimwe be ?

Abanyarwanda, bakunda urwaba-

byaye bazanyunganire, kuko igihugu kigeze aho kiyambaza bene cyo.

Ndangije nsaba ishyamba MDR, gukaza umurego, ikihata ubushishozi bwuzuye imbaraga zikora icyo ziyemeje, maze ikazahura vuba uru rwanda ifatanye na MRND. Nigende ijye imbere y'amahanga isobanure ukuri kw'ibintu igihugu kive muri iki cyondo. Ntigatinye twese abanyarwanda tuyiteye ingabo mu bitugu. Niyunganire ingabo zirasana ku rugamba, irasane nta masusu muri politiki yuzuye ukuri n'umucyo, ntagutinye aho rukomeye.

MUBERANTWARI Amosi
KIBUYE.

MINISITIRI W'UBUHINZI ARADINDIZA IBIGO ASHINZWE

Mperutse gusoma mu kinyamakuru IKINDI ibibazo Ofisi y'Amakawa ifite, maze nsanga uriya mugabo NSENGIYARE-MYE Tadeyo yaracukumbuye koko. Ariko icyo atavuze ni uko umugambi wo guhirika kiriya kigo wacuzwe na Minisitiri w'Ubuhanzi abifashijwemo na Minisitiri w'Imari. Uw'Imari we ntatinye no kubibwira buri mugenzi winyuriye muri Finances ajanywe n'ibindi bibazo. Abacuruzi benshi bashoboye kumugeraho batangazwa n'uko ari yo ngingo atindaho kandi bitabareba.

Naho Minisitiri w'Ubuhanzi we ni Rwigarukarahoze, ariko abamuzi neza bazi ko afite ubugome budasanzwe. Ushaka kumumenya azabaze abo babanye bese haba ku Kibuye, muri Crête-Zaire-Nil, muri GBK, cyangwa muri Minagri, hamwe bacyuriranye uburozi, ahandi bati : ni «Miheha» ahandi bati Guverinoma y'Inzibacyuho nijeho vuba tumukire. Muri Byumba ho baribaza ukuntu yatorerwa kwamamaza MRND kandi nta mushyikirano agira mu bantu abana nabo.

Abo ba Minisitiri rero nibo bahagurukiye gusenya Ofisi y'Amakawa. Ibyemezo byose bayifatira ni ibyo kuyinaniza. Ariko bibagiye ko muri iki gihe ntawe ugihishira ibyemezo by'amafuti bifatiwe hejuru.

Nk'uko Umwanditsi w'IKINDI yabivuze, amabaruwa

y'Umuyobozi wa Ofisi y'Amakawa amaze igihe kirenga umwaka acicikana muri izo Minisitiri ariko hehe n'uwigira icyo yasubiza. Baribwira se ko bizaherera aho ?

Abanyarwanda twese turi maso. Ntawe uzongera kwica Minisitiri ashinzwe ngo bigume mu bwiru maze biharirwe abagererwa be.

Hari andi marorerwa arebana na Minisitiri w'Ubuhanzi twifuza ko Perezida wa Repubulika yakwihutira gukiranura. Ayo marorerwa ni ayo mu mushinga Crête Zaire-Nil. Uwo mushinga wamamaje ubuhanzi bw'ingano kuva ugutangira, maze wizeza abahinzi ko uzabashyirira uruganda ruzazibagurira, rukazitunganya. Byose birigwa maze abaturage bakora iyo bwabaga, ingano nazo zirabumvira. Aho Minisitiri GASANA James aviriye muri uwo mushinga byose bitangira guhinduka. Atangira kubwira abazungu baduha amafaranga y'uwo mushinga ko urwo ruganda atari ngombwa. Ariko abikora amamashini bararangije kuyatumiza. Kuko ubu yaje. Ubwo se arashaka iki ?

Ni ukugira ngo se abaturage bakeke ko uwamusimbuye ari we wabyishe cyangwa ko byamunaniye ?

Amatiku mu bategetsi ntiyari akwiye gutuma imishinga igenewe abaturage ihababarira. Rero ngo iyo inzovu zirwanye ibyatsi nibyo bihababarira.

Mwe banyamakuru mwari mukwiye kudufasha guhishura

ukuri gupfukiranwa n'abategesi. nka Radiyo ikababaza kumugaragara maze mukumva ko bamwe batarya iminwa.

Umwe mu bakozi ba Minisitiri y'Ubuhanzi. Ubworozi n'Amashyamba. K.B.

IKINYAMAKURU LE SOLEIL KIRACYIBASIRA ABAHUTU

Abahutu benshi bababajwe n'ibinyoma ntutsi byatangajwe n'umututsi ukomoka mu bwoko bw'Inkotanyi uyu mwese muzi ko yihishe mu kinyamakuru Le Soleil. Uwo mututsi rero aherutse kwihandagaza yemeza ko Minisitiri NZABONIMANA Callixte uyobora MIJEU-MA atari arwaye, ko ngo ahubwo yari yaragiye kwitemberera i Buryi, yewe agerageza no kugerekaho ibinyoma-ntutsi ngo Minisitiri aho kugura imiti ngo yigurira inzoga. Mwumve namwe iby'iyi nkotanyi! KANGURA ikimara gusoma iyo nkuru yasanze nta shingiro kuko Minisitiri yari arwariye mu Butaliyani kuko yanadozwe akaboko kandi biragaragara. Twanagerageje kwegera MINAFET yacu itubwira ko Minisitiri NZABONIMANA yari arwaye ko n'ibitaro byamuvuye bizwi, n'impapuro yivurijeho ngo zizahari. Uriya mututsi rero nameye ko Abahutu bamutaruye kare nashaka nasange bene wabo ku rugamba aje kubafasha kumena amaraso naho ibindi twarabitahuye.

KA02 1552

AK'ABATUTSI BO MURI AFURIKA YO HAGATI N-NEHO KASHOBOTSE UBWO ABAHUTU BOSE BAMA-ZE KUMENYA KO NYAKAMWE ARI INYAMA Y'IBISIGA.

Umunyarwanda wese ushishoza ubu amaze kumenya ko mukwa cumi k'umwaka ushize abanyarwanda barwana n'abatutsi bashakwigarurira ubutegetsi dore ko u Rwanda ruri muri Afurika yo hagati arirwo abatutsi bagambiriye kwigarurira.

Abatutsi bo mu Rwanda mu gushaka gufata ubutegetsi mu Rwanda bitabaje abatutsi bose bo muri Afurika. Urugamba rugitangira hari bamwe mu bahutu bari bagisinziriye uretse ko na n'ubu hari abahutu bakiboshwe n'amatako y'abatutsikazi.

Abanyarwanda bose bumvise ko Perezida w'u Burundi aherutse kunyura mu Rwanda avuye mu Bufaransa, abakurikiranira hafi amakuru bemeza ko mu Bufaransa batonganyije BUYOYA ngo ntabwo yubahiriza uburenganzira bw'abahutu dore ko yari amaze kwanga kugirana imibonano n'abarundi b'abahutu bahunze. Buyoya we rero mu kunyura ino, mu Rwanda yarimanganyaga amahanga ababeshya ngo abanye neza n'abahutu? Reka ntakagire uwo abeshya kuko abahutu bo mu Burundi agiye kubamarira kw'icumu. Buyoya yasanze mu Rwanda abantu bose nta n'umwe wifuza ko ingoma ya gihake yagaruka mu Rwanda maze arumirwa. Ubwoba Buyoya yavanye ino bwatumye yirukana uwungirije Ambasaderi w'u Rwanda mu Burundi.

U Rwanda narwo aho rwabereye rwishyizemo akanyabugabo maze rwirukana abakozi ba Ambasade bari bafite akazi ko kureka ibitagenda neza mu Rwanda kugira ngo ariho inkotanyi zizaturuka kugira ngo zibone uko ziduhirika. Abategetsi bo muri Kenya babonye ibintu bikomeye baza gusura abanyarwanda kugira ngo babakomeze. Muri urwo ruzinduko rwa Perezida wa Kenya wari uherekaj-

we n'abantu bagera kuri mirongo itandatu, yabwiye abanyarwanda bose ko «Ikibabaza abanyarwanda kiba kibabaje n'abanyakenya». Abatutsi rero bo muri aka gace biha gukomeza gushotora u Rwanda bagombye kwibuka ko na Marchal wa Zaïre yavuze ko «Utera u Rwanda aba ateye Zaïre». Ibi byose kandi bariya bayobozi b'ibihugu bidukikije babivugaga kubera ko babonaga u Rwanda bakomeje kururenganya. Ariko babivugiraga cyane cyane ko babonaga abahutu bo muri ako karere bagiye gusubizwa ku ngoyi ya gihake.

Abatutsi bo mu Buganda bafasha inkotanyi kudutera, babonye ko akabo kashobotse batuma Minisitiri wabo ushinzwe ububanyi n'amahanga kuza kunoza umubano w'u Rwanda n'Ubuganda. Yewe koko hari abatutsi badatekereza. Niba Ubuganda bushaka kunoza umubano wabwo n'u Rwanda nibubanze bubuze inkotanyi kudutera, naho iyo diplomasi ishingiyeye ku binyoma bya gatutsi, abahutu bamaze kuyihaga.

Kubera ko abanyarwanda ari abana beza bakiriye neza uriya mu Minisitiri wo mu Buganda. Minisitiri w'u Rwanda ushinzwe ububanyi n'amahanga yamwakiriye, ariko kubera ko umubano w'u Rwanda n'Ubuganda ubu urangwa n'intambara, uwo mu Minisitiri w'Ubuganda, abanyarwanda bamujyanye ku rugamba nawe asanga ingabo z'u Rwanda zigenzura neza imipaka yose y'u Rwanda. Ingabo z'u Buganda nazo icyo gihe zanze kwiha akabanga kuko zahagaze mu Buganda maze zikarasa mu Rwanda, ndetse ngo n'uriya Minisitiri w'abaganda iyo adatararwa n'ingabo z'u Rwanda inkotanyi zari zimwivuganyeye.

Tukiri kuri ruriya ruzinduko rwa Paul SEMUGERERE, Minisitiri wa Museveni ushinzwe ububanyi n'amahanga, abaturage benshi

bo mu Rwanda bakimara kumenya ko yaje mu Rwanda batwoherereje inyandiko nyinshi zitubwira ngo uriya mu Minisitiri ntakagire icyo abeshya abanyarwanda kuko ubutegetsi bwa Uganda bushyigikiye inkotanyi ku mugaragaro.

Abo baturage ndetse banadusabaga no kumenyesha amahanga yose (dore ko bo MUSEVENI yabaniganye ijambo) ko barambiwe ubutegetsi bw'igitugu bwa Museveni. Bavugaga ko muri iki gihe guha Ubuganda imfashanyo ari ukongera ubwicanyi bwa MUSEVENI. Muri iki gihe muri Afurika bifuzaga kugendera mu butegetsi bwa demokarasi, ibihugu bikikije u Buganda byose, birasaba ubutegetsi bwa Uganda kugendera mu nzira y'ukuri bitagenda gutyo bakabaha akato. Kuko barambiwe ikandamizwa ry'abantu benshi bazira akarengane.

RUBERA Papias.

ITANGAZO.

KANGURA iramenyasha abasomyi bayo ko Umunyamakuru wayo witwaga Issa NYABYENDA guhera umwaka utaha wa 1992, ariwe uzatorwa kuzaba Umwanditsi mukuru. icyo cyemezo cyafashwe ari uko tubisabwaga na benshi mu basomyi ba KANGURA. Ubu Issa NYABYENDA abarizwa muri Kamukama ya Nyakinama - Ruhengeri.

Ubwanditsi bwa KANGURA burasaba Abahutu bose bo ku isi kunganira ikinyamakuru cyabo bayohereze ibitekerezo byabo kuri adrese bananzwe hazi cyangwa kuri FAX No 0025075408.

KANGURA iramenyeshya Ministre w'Ububanyi n'Amahanga, Docteur BIZIMUNGU Casimir ko mu gukora Politiki ye agomba kwibagirwa mu bitekerezo bye, ijamba KANGURA ! Ntabwo aritwe agomba kumukorera Politike. Niba abona ko KANGURA imubogamiye azavuye tujye gukorera mu mahanga cyangwa we aje muri Stage amenye uko abanyapolitike bakorana n'abanyamakuru bigenga ndetse iyi KANGURA ikimara gushohoka ihite imuhindura mushya, abure n'ighe tugezemo, yere kujya arangwa n'ubwoba ndetse no guhishahisha. Tumushimiye ukuntu yakanguwe na KANGURA No 27 bigatuma noneho avuye uko Politike y'u Rwanda n'u Burundi irangwa no gucungana, iteye.

NGEZE H.

BWANA HABYARIMANA PASCAL SEKAGANDA NTUZIRUSHYE UDUSANGA I PARIS.

KA02 1553

*Cher HABYARIMANA Pascal
Sekaganda,*

Rimwe na rimwe hari ubwo umuntu yiga aho kuba umunyabwenge ahubwo agahinduka igicucu; c'est ton cas. Nous suivons de près tes activités politiques subversives. Wize histoire des peuples, uzi ukuntu les peuples depuis l'antiquité zigiye zihirikana (uhereye kurugero rwaba : les Wisigoths, les huns, les haphthalites, les civitates et j'en passe) kuva ubwo kuger'ubwo n'abahutu bahiritse abatutsi muri 1959, événement donc irréversible. Mwaratsinzwe et c'est l'histoire qui en dit et l'histoire ne fait qu'avancer, elle ne recule jamais. Un peuple, c'est un peuple : au Rwanda; abahutu forment un peuple wongereyeho abatutsi bamwe na bamwe bacyaha mu kuri bakumva ko bagomba kubana n'abahutu kuko ntagindi solution. Naho abatutsi, ari mwe mwiyeza TSIMBURA, ari naziriyi nkotanyi zigiye gushirira mu birunga, vous formez une FACTION. C'est pour dire que SEKAGANDA + TSIMBURA = Pécheurs dans les

eaux troubles. Nibimwe bavuga mukinyarwanda ngo ni uwikoza ubusa kimwe n'umugore wend'undi.

On voit ici à Paris l'ampleur de tes contacts stériles malheureusement et qui se rétantissent jusqu'à Bruxelles et partout ailleurs pour essayer de tisser un réseau déjà démantelé.

Ninde wakumva ukuntu abantu batagera kuri 15 kw'ijana ry'abatuye igihugu muri ibi bihe bya logique, de démocratie et de liberté individuelle ko haba hakiri abantu barokotse ngo bongere badomine la majorité? Il faut être igicucu koko kugira ngo umuntu wize a forger une telle idée pour soit-disant les intellectuels que vous êtes (les TSIMBURA). Umuntu atsiritsimba ku bintu bishaje koko areba nibihe tugezemo hano kw'isi à l'heure de l'informatique où l'apartheid est entrain de mourir en même temps que le communisme!!!. Malgré la résistance des Boers, l'apartheid meurt. Na regne yanyu basé sur des idéologies mesquines, naïves et empiriques (umwami na kalinga yambaye

amabya (quelle honte) ressemble à cela, alors qu'aucune société moderne ne tolérera plus ce genre de système; nous sommes à l'heure de la réprobation mondiale où la monarchie avec sa vache n'ont plus de place.

Mwari mukwiye gusubiza amewe mu'isaho; umuhutu yakangutse muri rya joro ryo muwa mirongo itanu n'icyenda, yegura umutwe muwa 1973; si igihe cya yanka (inka) yakoreraga imyaka mirongo itatu isaga. Rero wari ukwiriye gufata ibi bikurikira et pour toujours :

«Un peuple n'est jamais vaincu, les factions sont vaincues».

Nawe wari ukwiye kwikengera ntuzirushye ugeza ngo urakandagira hano i Paris. Ngo igipfa kiburiwe....

Turimaso.

Destinataire :

Docteur HABYARIMANA SEKAGANDA
Umutware wa TSIMBURA
Umuryango w'Inkotanyi muri
BURKINA FASO
B.P. 575 OUAGADOUGOU
UNDP OUAGADOUGOU.

KAREMERA BONIFASI ARARAGUZA ZANGA.

Nyuma y'inyandiko zo guharabika Claudien Habarushaka na Birekeraho Gervais umutekamutwe Karemera Boniface yasohoye mu binyamakuru La Médaille Nyiramacibiri na Nyabarongo, aherutse kongera guta ibitabapfu mu kinyamakuru cye "AMAHORO". Muri icyo gikoresho cye yaravuze ngo ibya Habarushaka na Birekeraho azabitugezaho ubutaha. Iyo mvugo kandi ni nayo yari yahuraguye muri biriya binyamakuru navuze mbere. Ese abantu mwese mukunda ukuri, ibyo bintu Karemera ahora abeshya ngo azatubwira ubutaha ntabivuge agahitamo kuvuga ubusa ni ibiki? Bizwi na Karemera n'ibinyamakuru bye.

1° Ubwenge buke bwa Karemera

Aho amariye kumenya ko Habarushaka na Birekeraho bamureze

mu rukiko, Karemera yihereranye abanyamakuru navuze haruguru b'abacanshuro maze arabashumuriza. Uwo mutwe ngo wari ugamiye kumvisha rubanda (l'opinion) ko Habarushaka na Birekeraho aribo bahemu, maze ahasigaye Karemera n'ishumi ye Ryezembere bagakomeza kwisahurira SGP nta ntugunda. Iyo Karemera aza kugira nibura akenge kamujyana kuri we, ayo mafaranga yatagaguye mu banyamakuru ndetse n'ayo yashingishije ikinyamakuru "AMAHORO" aba yaributse ko ari aya SGP maze akayashyira iruhande akazayaheraho yishyura ibyo aregwa. Rero data yirirwa yigamba ngo nubwo azi neza ko azatsindwa, ngo igihe cyo kumwishyura ntacyo inkiko zizashobora kugurisha kuko byose yarangije kubyambutsa amazi.

2° Iby'abapfu biribwa n'abapfumu.

Igihe twakurikiranaga iby'urubanza rwa Karemera, twaje kumenya ko yunganirwa mu bucamanza n'uwiyita "Maître Bangagatare Marcel". Ariko se koko hari impumyi iyobora indi, cyangwa se hari utanga icyo adafite. Ubwo se Karemera yabonaga ko Bangagatare uwo, ubuhanga mu mategeko abumenye aho akazi kamariye kumunanira ku mugaragaro, ngaho muri Minisiteri y'ubucamanza, ngaho muri CND. Mperutse kunyura ahantu uwo Bangagatare yari amaze guhaga amazi y'ingano, ariho abwira abandi ati: "Karemera ariya mafaranga yibye nzamuryaho nibura icya kabiri cyayo". Ngo byaba ariyo mpamvu aho kugira Karemera inama ngo amwereke aho uku-

KA02 1554

ri guherereye yakomeje kumucurika agira ngo ibibazo bya SGP bibe urudaca maze akomeze yirire inoti. Karemera se yaba yibuka ko ayo mafaranga ajugunyira inyoni n'ibisiga ari aya SGP, ko azongera kuyo agomba kwishyuzwa.

3° Umanika agati wicaye...

Mu byo Karemera yakoraga byose ngo yari yizeye ko nta mategeko cyangwa ubucamanza bwamuhangara. Aho aboneye rero ko ibyo yakoze bigiye kumugwa nabi yihutiye guteranya komite y'abantu bose yagiye aganuzwa ku ifaranga rya SGP ngo bamuyagire. Iyo komite nkuko Karemera abikwirakwiza ngo igizwe n'aba bakurikira:

- Umuntu ukomeye muri MINICOM
- Umuntu ukomeye muri Parquet

Général ya Cassation

- Umudiregiteri jenerali muri Finances
- Umushefu de service muri Présidence
- Umukomanda w'umujandarume.

Iyo komite ngo yari ifite misiyo yo gutera abacamanza icyugazi ndetse ngo byaba ngombwa ikabagura ariko Karemera ntajye mu y'abagabo. Abo bantu uko ari 6 baje kubwira Karemera bati nibyo koko twarabanye ariko nta kundi byagenda ugomba kwishyura ibyo wariye kuko inzego turimo zitatwemerera gushyigikira ibisambo.

Karemera nibwo yahitaga akubita amarira abwira abo banyuze be ati: «ubwo mwanze kunshyigikira ningera imbere y'urukiko nzabitanakana mvuge ko twayasangiye. Ndetse nzanavugaga ko ari mwe mwa-

nyoheje mumbwira ngo ninzane twirire muzandwanaho". Abandi baramushubije bati uzakore uko ubyumva ntidutinye ibihinda...

4° Ubucamanza nibwo bukuru.

Mu gihe twateguraga iyi nyan-diko twaje kumenya ko le 11/12/1991, urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali rwashyizeho intumwa yarwo (Administrateur Judiciaire) yo kugenzura imucungire ya SGP. Uwo ni Maniraguha Pierre Damien ukora muri STIR. Uwo mugabo se azashobora gutahura uburiganya bwose bwa Karemera? Karemera se we azemera ko hagarira umuntu umubuza kwiyibira ngo ni uko yashyizweho n'urukiko? Tubiteze amaso.

Kangura.

«MINISITIRI NYANDWI KAROLI APFA IKI N'ABASUKONTARO BO MURI LETA ?

Amabwiriza n° 2567/06.18/06/91 yo kuwa 5 Kanama 1991 ya Minisitiri NYANDWI Karoli nta kindi agamije kitari ugutandukanya abasukontaro bo muri Leta n'umukoresha wabo Leta no gushakisha uburyo bwose bwabavutsa amafaranga bahabwa akomoka k'uburambe ku kazi (droits acquis). Amabwiriza ye akaba anyuranyije n'Itegeko ryo kuwa 28 Gashyantare 1967 rigenga imirimo cyane cyane ingingo ya 3 n'ya 85 z'iryo tegeko.

Amasezerano y'umurimo akorwa mu bwumvikane bw'umukozi n'umukoresha, umukoresha akiyemeza guha umukozi umushahara buri kwezi, umukozi nawe akiyemeza gukora imirimo ategetswe n'umukoresha. Muri za Minisitiri kimwe no mu bigo bya Leta, Minisitiri cyangwa Umuyobozi w'Ikigo basinya mu izina rya Leta, naho umukozi agasinya ku giti cye. Imirimo umukozi akoresha ni iya Leta, iyo bamukoresheje imirimo yabo bwite icyo gihe baba banyereza umutungo wa Leta kuko iba yahembeye imirimo itakorewe (ingingo ya 3 n'ya 18 z'itegeko ryo kuwa 28 Gashyantare 1967).

Umusukontaro wo muri Leta kuva muri Minisitiri cyangwa mu kigo cya Leta ajya mu yindi (Minisitiri) cyangwa ikindi (Ikigo) byemewe n'amategeko.

Urugero : Umusirikari agirana amasezerano na Minisitiri w'Ingabo, agakora imirimo ya gisirikari, yagira

amahirwe bakamwigisha gutwara imodoka cyangwa kuyikanisha. Iyo arangiye kontaro ye ashobora gusaba akazi k'ubushoferi muri Minisitiri y'Ingabo cyangwa mu yindi Minisitiri. Iyo akabonye agirana amasezerano n'umukoresha kuko imirimo aba agiye gukora itandukanye n'imirimo ya Gisirikari, umushahara nawo uba utandukanye n'uwo yahembwaga mbere. Icyo gihe atangizwa ku mushahara w'ifatizo w'abashoferi bo muri Leta akongererwa amafaranga y'uburambe ku kazi yabonye muri Minisitiri y'Ingabo (Droits acquis) kuko umukoresha aba ari umwe ariwe Leta (ingingo ya 85 y'Itegeko ryo kuwa 28 Gashyantare 1967).

Iteka rya Perezida n° 218/09 ryo kuwa 2 Ukwakira 1975 niryo rigenga abasukontaro bo muri Leta kandi ryasobanuye neza ko nabo bagomba kujya bahabwa ishimwe buri mwaka nk'abandi bakozi bose bagengwa na Sitati (Statut). Iteka rya Minisitiri n° 221/09 ryo kuwa 3 Gicurasi 1976 ryasobanuraga abakoresha bose (kandi riracyariho) uko bubahiriza ingingo ya 85 y'Itegeko ryo kuwa 28 Gashyantare 1967.

Amabwiriza ya Minisitiri NYANDWI akaba anyuranyije n'amategeko kuburyo buri wese abibona. Ese ubundi ajya kuyashyiraho yashakaga kubahiriza irihe tegeko? Amabwiriza se ko nta na rimwe asimburaga itegeko cyangwa Iteka rya Perezida cyangwa irya Minisitiri? Ingingo ya 69 y'Itege-

ko-Nshinga, igika cyayo cya kabiri gitete gitya : «Itegeko rigenga byose kuburyo butavuguruzwa. Nta na rimwe amabwiriza ashobora kuvuguruzwa itegeko».

Amabwiriza ya NYANDWI yateye umwuka mubi mu bakozi bagenywe n'amasezerano y'umurimo bo kwa Leta kuko yabyukije amaganya n'agahinda bari basanganywe atewe n'imishahara yabo yababereye «intikantikize» itagihuje n'igihe tugezemo ngo ishobore guhangana n'ibiciro ku masoko. None ati niyo serumu nibayivaneho udufaranga tw'uburambe ku kazi (droits acquis) kandi utwo dufaranga umusukontaro aba yaratuvunikiye muri iyo myaka yose ya mbere akorera Leta.

Abasukontaro bamaze kubona ko nta kundi babigenza, biyemeje gutakambira Perezida wa Repubulika kugira ngo abarwaneho nkuko ingingo ya 35 y'itegeko-nshinga ivuga ko ari We u-shinzwe ubutegetsu nyubahiriza-tegeko, akabifashwamo na Guverinoma.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ni Umubyeyi kandi asanzwe buri gihe aharanira icyazamura rubanda rugufi no kurengera inyungu zabo. Akaba atakwihanganira ko itegeko risimbuzwa amabwiriza kabone niyo ayo mabwiriza yaba atagamije kuvutsa rubanda rutishoboye ibyo rwagenewe n'itegeko.

MUGABUHANABABO Eléazar
Komini NYARUGENGE

TURISOBANURA KU NYANDIKO YASOHOTSE MU KINYAMAKURU KANGURA N° 20.

KA02 1555

MIRUHO Jean & BWIMANA Eugène
C/O AIR RWANDA
Service Technique
B.P. 808
Tél.: 8 5400/8 5791-Ext:212-
216/8 5472/8 3131
KIGALI-RWANDA

Kigali, tariki 12 Ukuboza 1991

Impamvu: Akiyumviro ka Miruho Jean na Bwimana Eugène ku byabanditsweho.

Reba: Kangura N°20 Kanama 1991.

Ku nshuti yacu KANGURA ijwi rigamije kurengera rubanda nyamwinshi.

B.P. 1312 Tél. 7 3586 Kigali

Kangura dukunda,
Turikwibire: Kangura wirinda amabwire".

Twebwe Miruho Jean na Bwimana Eugène, abakozi ba AIR RWANDA wanditse muri numero yawe 20 kanama 1991, ku bwende bwacu n'ishema ryacu bwite, twiyemeje kukwandikira tugutakambira ngo ugororoke utangaze akiyumviro kacu mu kinyamakuru cyawe abenshi tugitsimbarayeho.

Ingingo nyirabayazana ishingiye ku mvugo "AIR RWANDA AKALIMA KA KARANGWA" aho H.N. c/o Kangura igira iti: "Muri Kameruni basabye ko baboherereza abanyarwanda barimo Miruho Jean na Bwimana Eugène ngo bajyeyo babahugure, nta faranga u Rwanda rutanze, bazanakorane hano iwacu Karangwa ati: Ngari".

Twagiraga ngo tukumenyeshye ko amasosiyete abiri y'indege AIR RWANDA (soma Eri Rwanda) na CAMEROUN ARLINES (soma Kameruni Erilayin-

zi), bita CAMAIR (soma kameri), yumvikanye ko ku byerekeye iryo hugurwa ryacu iya mbere yakwishingira kwishyura amafaranga yo kubeshaho abakozi bayo mu gihe cyose iryo hugurwa ryari kumara, ni akayabo, naho iya kabiri, ikishingira kwishyura amafaranga y'abarimu bayo, n'ay'imfasha-nyigisho (bari basanganywe) n'ay'ingendo z'indege kugenda no kugaruka.

Humura nta na rimwe Dogiteri Karangwa yigeze abangamira ihugurwa ryacu. Ryarasubitswe ku mpamvu zitamuturutseho. Aharanira kurisubukura biraburana, ritinze rizaza. Imana ntirushwa amaboko, ntitwiriwe tuvuga akari imurori. Dogiteri Karangwa uw'abandi ntacyo yatubangamiyeho!

Ikindi: Dogiteri Karangwa yeguriwe ubuyobozi bukuru bwa AIR RWANDA dosiye yacu igeze i gati, no mu ihererekanya-bubasha yagiranye n'uwo yasimbuye Nyakubahwa Rukira Isidore Jean Baptiste, uhagarariye u Rwanda i Peke mu Bushinwa, biranditse uzabaze. Yewe na Perezida w'Inama y'ubutegetsi ya AIR RWANDA yataye mu ry'abo bagabo bombi igihe yemeraga ko ayo mafaranga yasohoka mu isanduku y'ikigo. Dogiteri Karangwa rero ntacyo yajyaga kubikoraho kitagamije gushimangira icyemezo cy'i Bukuru.

Ni mu gihe: ubwawe wemera ko azi ubwenge agatsinda afite Gaheraheza mu Bukungu (Docteur en Economie). Ni rimwe mu maturufu RUKOKOMA u Rwanda rwacu rwifitiye ino aha. Umunyacyubahiro wo muri uriya rwego si inkandagira-bitabo byumve neza rwose. Ku bwawe urabona yari uwo kuzanwa muri AIR RWANDA no gucupiza cyangwa gupyinagaza Miruho na Bwimana, atari azi, atari yarase-

rerejweho, akabigira umuganura w'ubutegetsi bwe? Wowe uri we uzi ubwenge ni yo mbuto yabanziriza izindi mu karima kawe? Koko? Kangu? Oya wikabya!

Iyo abigira yari kuba yihaye amenyo y'abaseka. Aka wa mumililita bavugiraho urwenya, akaba yarabaye iciro ry'imigani. Ngo bamubajije icyo yaheraho aramutse agizwe burugumesitiri, ntiyazarira uw'abandi ati: "narya imineke nkasongongera ku bigage byose byaje mu isoko"! Ngo we yabivuze adaseka ariko ababyumvise kuva icyo gihe bo baraseka bagatembagara imbavu zigakirana n'icyo babisubiramo kangahere.

Ikindi na none: iyo Dogiteri Karangwa aza kudukorera biriya umwitirira, natwe ntitworoshye; tuyobewe iki? Umwa twavutse ku ngoma ya RUDAHIGWA tubona umwivumbagatanyo wo muri 1959 tubaho muri Leta y'agateganyo, ubwigenge, Repubulika ya mbere n'iya kabiri. Twarabibonye, Imana nibishaka tuzabona Rukokoma na Repubulika ya gatatu. Turi abanyarwanda tuzi ubwenge, byari binaniyeho iki kumufatirana mu bushyitsi, tukamwibonekezaho, tukamuhendahenda, tukamuhonda akanoga bibaye ngombwa, ngo ave aho anonosora icyo dosiye yari yarasigiye! Twari kumugezwaho n'ishuti n'abavandimwe cyangwa abo biganye tukagisha inama tukareba ko ibitungana bidatungana. Biti iki se? Tugaca hasi no hejuru twifashishije ububasha duhabwa n'itegeko tugutakambira inzego z'ubutegetsi zirebwa n'icyo kibazo cyacu, ibigororwa bikagororwa mu mahoro. Nta kundi byari kugenda, ahari abagabo ntiyabonye abandi, nta musemuzi twajyaga gukenera muri iki gihugu, nta n'inyoroshyo ibyo byagombaga gusegurirwa.

CAMAIR yarashyize iragaruka: byabaye amahire, isubiriza ingendo zayo zinyura hano i Kigali,

KA02 1556

ihereye tariki ya 27/10/1991. Dore ko yigeze gukora igendesha, hambere aha intambara igitangira amasaha yayo yo ku wa gatandatu yagonganaga n'ay'umukwabu wo mu Rwanda kubera impamvu z'umutekano tuzi twese. Indege yo mu bwoko bwa Bowingi 737 ikakuvira i Duvwala/Kameruni, ikanyura i Kinshasa/Zayire, igahita ijya kurara i Nayirobi/Kenya, ari nako abagenzi, imizigo yabo, ibicuruzwa n'iposita bijya i Kigali birara rwa ntambi iyo i Nayirobi, abagenzi bo bagacumbikirwa muri hoteli zo mu rwego rwo hejuru, bugacya ku cyumwe ru baza i Kigali nta faranga na rimwe bongereyeho. Ikibazo kimaze kuyibana insobe, CAMAIR yigira inama yo gusa n'iyisumamo ku wa kabiri ikanyura hano i Kigali ku gicamunsi itagombaga kuhanyura, ivuye i Bujumbura igana i Nayirobi, nabyo ntibyayihira, irarekera, nta kindi. None yaragarutse ihugurwa ryacu rizigwa, amahoro asagara-re, ikindi ushaka ni iki ?

Gufatanyiriza amajyambere nicyo bibereyeho, yabaye waratunyuzeho, tuba twaragutungiyeye agatoki natwe tuti: "Va ku giti dore umuntu". Si byiza gupfubya umutware imbere y'ingabo ze cyangwa umusore imbere y'inkumi". Cyane cyane iyo abeshyerwa. Ese ko ari nk'ayo yose, "H.N. c/o Kangura" ni muntu ki ? Ni ishyirahamwe ki ? Ububasha bwose buva ku Mana n'ubwa Dogiteri Karangwa ni uko. Ntiyari uwo guharabikwa ku maherere.

Turangije tugusaba gukora iyo bwabaga ugashinyiriza ukemera ukivuguruzwa ngo "Ubugabo butivuguruzwa bubyara ububwa". Ntacyo bwatwara rwa rusango udufiteho twese abasomyi bawe. Ahubwo twakwishimira ko utuzirikana iteka ukaturinda gusoma ibirohwa. Sibyo se ? Ni na bumwe mu buryo wakwerekana ku mugaragaro ko ya ntego yawe uyikomeyeho.

Turangije twizeye ko uzaduha ibyo tugusabye ku neza, Dogiteri Karangwa Joseph abasomyi ba Kangura bakamugarurira icyizere n'icyubahiro, abatuzi, inshuti n'abavandimwe bagasubiza umutima mu nda, duharanira kutabindi kiranya ukuri duhagazeho.

Tubaye tugushimiye, ugire amahoro. "Kangura wirinda amabwire".

MIRUHO Jean
(sé)

BWIMANA Eugène
(sé)

Superviseurs des Opérations Aériennes d'AIR RWANDA.

Bimeneshejwe:
Dogiteri KARANGWA Joseph
C/O AIR RWANDA
B.P. 808 Tél 7 2393
KIGALI-RWANDA

PUBLICITÉ

Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza Ishyaka P.D.R. (Parti Démocratique pour la Révolution).

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikeneye ishyaka ryayo riyigeze kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadafite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose, kuyoboka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. KAYIBANDA Grégoire, byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya HABYARIMANA, we ushyigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iryo shyaka, n'abifuza ibisobanuro ku buryo burambuye, nimubaze GISENYI-INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahameremezo iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizobereyemo.

Umuko wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko leta zombi ntacyo zakoze, yaba iya HABYARIMANA yaba n'ya KAYIBANDA. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakozwe n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakozwe byakongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunozu. Muze twunganire abatubanjirije muri Politiki, n'abarangije akazi k'ubusirikare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kuvugira nababwira iki !

KUBERA KO BIMAZE KUGARAGARA KO ABATUTSI BO MU BUGANDA — RWANDA — ZAYIRE NO MU BURUNDI BIFUZA KUDUTEGEKA BABINYUJIRE MURI CORRIDOR-HIMA, HAGOMBA ABAHUTU BENSHI BAKWIBUMBIRA MURI P.D.R. PARMEHUTU, BYABA NGOMBWA IRYO SHYAKA RIGAKORANA NA PALIPEHUTU YO MU BURUNDI, BITYO ABAHUTU BOSE BAKABONA AHO BAVUGIRA, NTIBAKOMEZE KWICWA URUBOZO.



NOTES IMPORTANTES

KA02 1557

— Ayez le plaisir de faire vos réservations bien à temps — Présentez-vous à l'aéroport (aérodrome) une demi-heure avant le départ pour les vols intérieurs et une heure avant pour les vols internationaux — Chaque passager a droit à 20 kgs de bagages — Tout kg de bagages supplémentaires se fait payer — Nos avions sont également à votre disposition pour d'éventuels affrètements — Contactez nos bureaux ou nos agences. — Grâce à AIR RWANDA, vous pouvez mieux accomplir vos déplacements touristiques au Rwanda, en gagnant du temps — Les vols sur Ruhengeri vous permettent de visiter les gorilles du Parc National des Volcans ; pensez-y ! — N'oubliez pas les vols occasionnels et d'affrètement.

HORAIRE VALABLE A COMPTER DU 1ER JUIIN 1991.
TIMETABLE EFFECTIVE FROM 1st JUNE 1991.

JOURS	TRAJET				N° VOL
LUNDI KUWA MBERE MONDAY	-				-
MARDI KUWA KABIRI TUESDAY	KGL	GYI	GYI	KME	RY 107
	08.30	09.00	09.20	09.50	
	KGL			BJM	RY 201
	14.00			14.50	
MERCREDI KUWA GATATU WEDNESDAY	NBO			KGL	KQ/RV
	11.30			13.25	470
	KGL			BJM	RY 203
	08.30			09.20	
MERCREDI KUWA GATATU WEDNESDAY	KGL	KME	KME	GYI	RY 111
	14.00	14.45	15.05	15.35	
	BRU			KGL	SN/RV 561
	22.15			* 06.05	
JEUDI KUWA KANE THURDAY	KGL	KME	KME	GYI	RY 123
	08.30	09.15	09.35	10.05	
	KGL			NBO	QC/RV 070
	12.15			14.40	

AVION	TRAJET				No VOL
VENDREDI KUWA GATANU FRIDAY	KGL			BJM	RY 205
	14.30			15.20	
	BRU			KGL	SN/RV 561
	22.35			* 06.25	
SAMEDI KUWA GATANDATU SATURDAY	KGL	GYI	GYI	KME	RY 133
	14.00	14.30	14.50	15.20	
DIMANCHE KU CYUMWERU SUNDAY	KGL	KME	KME	GYI	RY 137
	14.00	14.45	15.05	15.35	

BILLET DE PASSAGER ET BILLET DE MARCHANDISE
PASSENGER TICKET AND CARGO BOOK

AIR RWANDA

AIR RWANDA — B.P. 808 KIGALI-RWANDA

BUREAU-VILLE: TEL 5492-4492-3783

AEROPORT: TEL 5472-5480

